

USAID Soma Umenye



**IMFASHANYIGISHO KU MYIGIRE
IBEREYE BURI MUNYESHURI
IGENEWE ABARIMU B'IKINYARWANDA
MU KICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI ABANZA**

Imfashanyigisho iri mu igerageza

Umushinga USAID Soma Umenye

**IMFASHANYIGISHO KU MYIGIRE
IBEREYE BURI MUNYESHURI**

IGENEWE ABARIMU B'IKINYARWANDA
MU KICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI ABANZA

Imfashanyigisho iri mu igerageza

© 2019 Rwanda Education Board

Uburenganzira bw'umuhanzi bw'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

This work is licensed under the Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This is an original work developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID), © Rwanda Education Board. More details on permissions under this license can be found at <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

Iyi mfashanyigisho yashyizwe ahagaragara ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Ijambo ry'ibanze

Minisiteri y'Uburezi na bimwe mu bigo biyishamikiyeho bafite inshingano zo gufasha abarimu kugira ubushobozi buhagije bwo kwigisha abanyeshuri bose gusoma no kwandika guhera mu mashuri y'inshuke kugeza mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Ni muri urwo rwego Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) ku bufatanye n'Umushinga USAID Soma Umenye bateguye iyi mfashanyigisho izafasha abarimu muri gahunda y'igerageza ry'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri (UDL), mu kwimakaza uburezi budaheza, nk'uko biteganywa mu nteganyanyigisho nshya ya Guverinoma y'u Rwanda.

Iyi gahunda igamije gufasha abarimu gusobanukirwa n'uburyo butandukanye bukoreshwa mu gufasha abanyeshuri bose hagendewe ku bushobozi bafite; nta hezwa rishingiye ku bumuga cyangwa izindi mbogamizi bamwe mu banyeshuri bafite. Iyi mfashanyigisho yateguwe izafasha abarimu gusobanukirwa n'ibisabwa kugira ngo habeho uburezi budaheza inagaragaze n'imbogamizi abanyeshuri bafite ubumuga butandukanye bahura na zo mu myigire yabo n'uburyo bafashwa. Muri iyi mfashanyigisho harimo kandi ubundi buryo butandukanye umwarimu w'Ikinyarwanda mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza ashobora gukoresha yigisha inkingi eshanu zo gusoma no kwandika kugira ngo abashe gufasha abanyeshuri bose yigisha.

Turashimira Umushinga USAID Soma Umenye kubera uruhare rukomeye wagize mu gutegura iyi mfashanyigisho. Turashimira kandi n'abandi bose bagize uruhare mu mitegurire yayo. Bitewe n'uko iyi mfashanyigisho izakoreshwa muri gahunda y'igerageza ku myigire Ibereye Buri Munyeshuri, turasaba abazayikoresha gukomeza gutanga ibitekerezo byazatuma irushaho kunoga kugira ngo izafashe abarimu bazayikoresha na nyuma y'igerageza, kwimakaza Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda

Abagize uruhare mu kwandika no kunonosora iyi mfashanyigisho

#	Amazina	Inshingano
1	Hayley Niad	Umugishwanama ukorera ikigo cya “Inclusive Development Partners” muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika
2	Anne Hayes	Umugishwanama ukorera ikigo cya “Inclusive Development Partners” muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika
3	Valerie Karr	Umugishwanama ukorera ikigo cya “Inclusive Development Partners” muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika
4	Brent Elder	Umugishwanama ukorera ikigo cya “Inclusive Development Partners” muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika
3	Dr KARANGWA Evariste	Umuyobozi w'Ishuri ryigisha ibijyanye n'uburezi budaheza muri Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Uburezi
4	BAVUGAYUNDI Dominique	Umugenzi w'Uburezi muri Minisiteri y'Uburezi
5	BAMUSANANIRE Emmanuel	Umukozi w'ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda
6	MUTEZIGAJU Flora	Umukozi w'ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda
7	Kate Brolley	Umukozi w'Umushinga USAID Soma Umenye
8	MUHUMUZA Winnie	Umukozi w'Umushinga USAID Soma Umenye
9	NTIREGANYA Alphonse	Umukozi w'Umushinga USAID Soma Umenye
10	SETAHA Benjamin	Umukozi w'Umushinga USAID Soma Umenye
11	KARANGANWA Raphael	Umukozi w'Umushinga USAID Soma Umenye
12	HALINDINTWALI Lambert	Umukozi w'Umushinga USAID Soma Umenye
13	NYIRANGENDAHIMANA Marie Rose	Umwanditsi akaba n'umwe mu bahugura abarimu
14	UWIBANZE Théophile	Umwanditsi akaba n'umwe mu bahugura abarimu
15	MUKAYIRANGA Françoise	Umwanditsi akaba n'umwe mu bahugura abarimu
16	UZAYISENGA Clémentine	Umwanditsi akaba n'umwe mu bahugura abarimu
17	MUTUYEMUNGU Charles	Umwanditsi akaba n'umwe mu bahugura abarimu
18	KAYITESI Adeline	Umwari mu uhugura abandi
19	NYIRAJYAMBERE Génereuse	Umwari mu mashuri abanza
20	MUKAYIRANGA Médiatrice	Umwari mu mashuri abanza

Uwatunganyije iki gitabo

KALISA James

Iyi nyandiko yubakiye ku mfashanyigisho y'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri igamije gufasha abanyeshuri bose gusoma: Guteza imbere uburezi bw'abanyeshuri bafite ubumuga. Iyi nyandiko kandi yakozwe hifashishijwe gahunda yo kwigisha gusoma ya REACH yo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ishyigikirwa n'ubushakashatsi bwa kaminuza, ikaba iterwa inkunga n'ikigo k'iterambere cy'Abanyamerika (USAID).

IBIRIMO

Ijambo ry'ibanze	1
Intangiriro	5
Umutwe wa 1: Dusobanukirwe uburezi budaheza	6
Umutwe wa 2: Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri	9
Umutwe wa 3: Uburyo bwo kwigisha inkingi eshanu zo gusoma no kwandika himakazwa Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri	17
Umutwe wa 4: Ingero z'imbogamizi zihariye mu myigire	24
Umutwe wa 5: Ibibazo abanyeshuri bagira mu myigire yabo	30
Umutwe wa 6: Ingero z'amasomo ku nkingi eshanu zo gusoma no kwandika ateguye	33

INTANGIRIRO

Iyi mfashanyigisho yubakiye kuri ibi bikurikira:

- Abana bose bashobora kwiga;
- Abanyeshuri bose bashobora kugira imbogamizi mu myigire yabo bitewe n'ibi bikurikira:
Kuba batamenyereye ururimi bigishwamo, ubumuga, uburwayi, inzara, ihungabana, kuba bafite ibibazo mu miryango yabo n'izindi mbogamizi;
- Ntabwo ushobora kubona umuntu agenda gusa ngo uhide wemeza ko afite ubumuga;
- Ntushobora kureba umwana ufite ubumuga ngo uhide uvuga ko hari ibyo adashoboye, utabanye kumenya imbaraga afite n'ibyo akeneye byakubakirwaho cyangwa byagenderwaho mu kumufasha kwiga.

Ubumuga ni ikintu gisanzwe mu buzima bwa muntu, ntabwo buterwa n'ibyaha cyangwa umuvumo. Mushobora kuba mufite abanyeshuri bafite ubumuga cyangwa izindi mbogamizi mu ishuri ryanyu, ariko ntibishoboka ko wabimenya ubarebye gusa.

Imiterere ya gahunda yo guteza imbere Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri mu igerageza ryayo mu Rwanda

Ingingo zikurikira zizafasha cyane mu gushyira mu bikorwa igeregeza ry'iyi gahunda. Izo ngingo zizasobanurwa ku buryo burambuye cyangwa bwimbitse mu mahugurwa y'abarimu no muri iyi mfashanyigisho.

Igishushanyo cya I: Ibintu by'ingenzi byakoreshwa mu kongerera imbaraga amashuri adaheza

Amahugurwa y'abarimu.

Kumenya abanyeshuri bafite imbogamizi zo kutumva no kutabona neza

Ingamba z'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri

Isuzuma rihoraho ry'abanyeshuri

Imyigishirize yo mu matsinda matoya

ubwunganizi n'ubufasha ku barimu

Abarimu bagomba kwifashisha buri gihe iyi mfashanyigisho mu kunoza imyigishirize yabo. Mu gihe bibaye ngombwa, bashobora no kubaza bagenzi babo cyangwa abajyanama mu myigishirize kugira ngo bahabwe ubwunganizi bw'ibanze.

UMUTWE WA I: DUSOBANUKIRWE UBUREZI BUDAHEZA

Intego y'umutwe: Guha uzasoma iyi mfashanyigisho wese ubumenyi bw'ibanze mu bijyanye n'uburezi budaheza.

Kugira ngo dusobanukirwe ingamba zo gushyira mu bikorwa Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri ni ngombwa ko twumva icyo uburezi budaheza ari cyo kandi tukabwimakaza mu mushuri yose yo mu Rwanda.

Uburezi budaheza ni iki?

Uburezi budaheza bivuga ko abanyeshuri bose hatitawe ku bwoko bw'ubumuga cyangwa izindi mbogamizi, bigira mu ishuri rimwe nta vangura. Abanyeshuri benshi bafite ubumuga cyangwa izindi mbogamizi ntibagira amahirwe yo kwiga, ni yo bayagize usanga bigira mu mashuri yabo bonyine. Nyamara ubushakashatsi bwagaragaje ko abanyeshuri bafite ubumuga cyangwa izindi mbogamizi iyo bakurikiranwe uko bikwiye mu myigire yabo batsinda neza.

Abarimu n'ababyeyi benshi batekereza ko abanyeshuri bafite ubumuga cyangwa izindi mbogamizi iyo bigiye hamwe n'abandi badafite ibibazo nk'ibyabo, bibangamira imyigire. Nyamara ubushakashatsi bugaragaza ko iyo uburezi budaheza bwimakajwe abanyeshuri bose bigira hamwe kandi neza.

Nk'uko u Rwanda rukora ibishoboka byose ngo rwimakaze ihame ry'uburezi budaheza, ni ngombwa kumva neza uko ubwo burezi bwashyirwa mu bikorwa. Mu mashuri abanza biracyagaragara ko hari ibikibura mu kwimakaza uburezi budaheza, nyamara ni ngombwa ko buri wese akora ibishoboka byose biganisha ku ntego yo kwimakaza iryo hame kugira ngo abanyeshuri bose bazahabwe uburezi bufite ireme koko.

Uburezi budaheza bivuga ko:

- Abanyeshuri bafite ubumuga cyangwa izindi mbogamizi bajya mu mashuri bagombye kuba bagiyemo iyo baza kuba nta bumuga cyangwa izindi mbogamizi bafite. Ayo mashuri ni ya yandi aherereye aho batuye mu midugudu, mu tugari no mu mirenge.
- Nta mwana uhezwa mu ishuri hashingiwe ku bumuga ubwo ari bwo bwose cyangwa izindi mbogamizi yaba afite.
- Mu gihe mu kigo k'ishuri harimo abanyeshuri bafite ubumuga, basaranganywa mu byumba by'amashuri nta vangura. Ibyo bivuga ko nta cyumba k'ishuri kigomba kugira umubare munini w'abanyeshuri bafite ubumuga ugereranyije n'ibindi byumba by'amashuri cyangwa umubare w'abanyeshuri babarizwa mu cyumba k'ishuri.
- Buri munyeshuri agomba kuba yiga mu ishuri riri ku kigero k'imyaka afite. Abanyeshuri bafite ubumuga ntibagomba gukomeza gusibizwa mu myaka yo hasi ahubwo bagomba kwemererwa kwimukana na bagenzi babo badafite ubumuga cyangwa izindi mbogamizi.
- Ubuyobozi bw'ibigo by'amashuri, abafatanyabikorwa hamwe n'abarimu, abanyeshuri n'ababyeyi bagomba guteza imbere ihame ry'uburezi budaheza mu kigo k'ishuri. Ibyo bigakorwa abo bose bagira uruhare mu igenamigambi ry'ikigo k'ishuri, mu gukemura ibibazo no mu gutuma abanyeshuri bafite ibibazo n'abatabifite bagira imyigire iyabo.
- Ubufasha buhabwa abanyeshuri bafite ubumuga n'izindi mbogamizi butangwa binyujijwe mu myigire n'imyigishirize isanzwe ibera mu ishuri, umwarimu atitaye gusa kuri ba bandi bafite ibibazo bitandukanye.

- Buri munyeshuri yakirwa kandi agahabwa agaciro haba mu ishuri ndetse no mu muryango mugari.

Ikitonderwa:

1. Nubwo ari ngombwa guteza imbere ihame ry'uburezi budaheza mu ishuri, hari abanyeshuri bamwe na bamwe bagomba gukomeza guhabwa ubufasha bwihariye mu ishuri. Urugero nko mu gutegura ibyigwa no kubyigisha ni ngombwa kwibanda ku bushobozi bwa buri munyeshuri.
2. Uburezi bwihariye ntabwo bivuze ko abanyeshuri bafite ubumuga cyangwa izindi mbogamizi bagomba guhererwa uburezi ahantu hihariye nko mu mashuri atandukanye n'ay'abandi.

Uburezi bwihariye ni ubufasha buhabwa abanyeshuri bafite ibibazo byihariye ntabwo ari aho ubwo bufasha butangirwa

UMUTWE WA 2: IMYIGIRE IBEREYE BURI MUNYESHURI

Intego y'umutwe: Gutanga ubumenyi bw'ibanze ku myigire Ibereye Buri Munyeshuri n'uburyo yafasha abanyeshuri biga kandi bagaragaza ibyo bize mu buryo butandukanye.

Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri ni uburyo bwo kwigisha bugaragaza ko bufasha abanyeshuri bose harimo n'abafite ingorane mu myigire.

Tumenye ubudasa mu ishuri

Abantu bose biga mu buryo butandukanye. Hari uburyo bune bw'ingenzi abanyeshuri bigamo:

- **Abiga neza bakoresheje uburyo bwo kwitegereza:** Muri ubu buryo, abanyeshuri bahitamo kwiga hifashishijwe ibintu bigaragara nk'amashusho, amakarita n'ibimenyetso.
- **Abiga neza bakoresheje uburyo bwo kumva:** Muri ubu buryo abanyeshuri bahitamo kwiga bumva ibyo umwarimu avuga, gukoresha imfashanyigisho zivuga, indirimbo cyangwa gushyirwa mu matsinda bakungurana ibitekerezo bavuga.
- **Abiga neza basoma banandika:** Muri ubu buryo aba banyeshuri biga neza iyo basoma banandika inkuru bakuye mu bitabo, mu zindi nyandiko cyangwa imyitozo yanditse.
- **Abiga neza bakoresheje ingingo z'umubiri wabo no gukora ku mfashanyigisho:** Aba banyeshuri biga neza iyo bakoze ku mfashanyigisho cyangwa bakoresha bimwe mu bice by'umubiri wabo nk'amaboko, amaguru n'ibindi.
- **Abiga neza hakomatanyijwe uburyo burenze bumwe.**

Abanyeshuri biga neza iyo bigishijwe hashingiwe ku bushobozi bwabo. Mu kwigisha isomo rishya, umwarimu mu ishuri agomba gukoresha uburyo butandukanye. Urugero niba umwarimu agiye kwigisha ijamba **ururabo**, azaruvuga cyane, arwandika/arushushanya ku kibaho cyangwa aruzane mu ishuri abanyeshuri banarukoreho. Abanyeshuri kandi bashobora kugaragaza ko bumvise ikigwa mu buryo butandukanye. Bamwe bashobora gusobanura ibyo bize neza mu gihe babivuga nyamara wabasaba kubyandika bikabagora. Abandi bo bashobora kuba batandukanye cyane n'aba mu gihe bo biborohera kugaragaza ibyo bize babyandika bikabagora kubivuga.

Imyigishirize irushaho kunoga no kugira akamaro iyo yibanze ku bushobozi bwa buri munyeshuri kandi igaha buri wese amahirwe yo kugaragaza ibyo yize hakoreshejwe uburyo butandukanye. Iyo umwarimu yigishije akoresheje uburyo bwita kuri buri munyeshuri, abanyeshuri bose babasha kwiga neza.

Tumenye Amahamashiro y'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri

Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri ishingiyeye ku ihame rivuga ko abanyeshuri bose biga mu buryo butandukanye. Ubwo buryo butandukanye, butanga umurongo ngenderwaho abarimu bagomba gukurikiza bigisha. Nubwo bwose ubu buryo bwashyiriweho abanyeshuri bagaragaza ibibazo mu myigire, ubushakashatsi bugaragaza ko iyo bukoreshajwe mu ishuri, abanyeshuri bose barushaho gukora neza. Kugira ngo imyigire ibe iboneye kuri bose, uburyo butatu bw'ingenzi bugomba kubahirizwa ari bwo:

Gushishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu kigwa

Gutanga ikigwa

Uburyo umunyeshuri akoresha agaragaza ko yumvise ikigwa

1. Uburyo butandukanye bwo gushishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu kigwa

Abanyeshuri bose bashishikarizwa kwiga no gukora mu buryo butandukanye. Guha abanyeshuri uburyo butandukanye nko gusoma inkuru n'imyitozo. Imyitozo yo mu matsinda ni bumwe mu buryo buboneye bwo gushishikariza abanyeshuri kwigana umwete. Gushishikariza umunyeshuri kugira uruhare mu kigwa bituma yita ku byo yiga.

2. Uburyo butandukanye bwo gutanga ikigwa

Abanyeshuri biga mu buryo butandukanye. Bamwe biga neza iyo bumva, abandi bakiga neza iyo bitegereje, abandi bakiga neza iyo bandika ndetse hari n'abiga neza iyo ibyo biga bishyizwe mu buryo bw'agakino. Umwarimu agomba kwigisha ku buryo yubahiriza uburyo butandukanye umwana ashobora kwigamo.

3. Uburyo butandukanye umunyeshuri akoresha agaragaza ko yumvise ikigwa

Nk'uko abanyeshuri biga batandukanye, umwarimu na we agomba kugerageza kubaha amahirwe yo kugaragaza ibyo biga mu buryo bahisemo butandukanye. Twibuke ko buri wese afite uburyo bwe bwihariye bwatuma yiga neza. Bityo rero si byiza ko abanyeshuri basubiriza hamwe mu gihe umwarimu ashaka kumenya ibyo bumvise.

Ni byiza ko hubahirizwa ibi bikurikira mu gushyira mu bikorwa Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri:

- **Abarimu bo mu Rwanda basanzwe bakoresha amenshi mu mahame y'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri.** Integanyanyigisho y'u Rwanda ishingiyeye ku bushobozi ishimangira ko umunyeshuri agira uruhare runini mu myigire ye, ndetse ikanashimangira uburezi budaheza ku buryo nta munyeshuri usigazwa inyuma.
- **Gahunda y'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri ni ingirakamaro ku banyeshuri:** Ituma abanyeshuri bose bashishikazwa no kwiga kandi bagakoresha ubushobozi bafite. Si ngombwa ko habaho umuteguro w'isomo wihariye ku bana bafite ubumuga. Muri make, Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri ntabwo yita ku bumuga umunyeshuri afite, ahubwo yita ku budasa n'ubushobozi umunyeshuri afite.
- **Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri ni uburyo bw'imyigishirize budahindura ibikubiye mu kigwa:** Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri yibanda ku buryo ikigwa gitangwa n'uburyo abanyeshuri bagaragaza ko bumvise ikigwa, ntabwo ihindura ibikubiye mu isomo iri n'iri.

Ishyirwa mu bikorwa ry'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri mu ishuri

Imikoreshereze y'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri mu ishuri si ngombwa ko iba igoranye, ahubwo igomba kubakira ku bisanzwe bikorwa mu mashuri kandi ikanoze uburyo bw'imyigishirize.

Ikitonderwa: Nubwo ingero zimwe zitangwa hakurikijwe buri hame ry'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri, ni ngombwa ko tumenya ko uburyo bumwe bw'imyigishirize bushobora gukoreshwa mu mahame yose (Urugero gukina agakuru bishobora gukorwa ushishikariza abanyeshuri kwiga, ubigisha ikigwa, bishobora no gukoreshwa harebwa niba abanyeshuri bumvise ikigwa, bitewe n'uburyo iyo nkuru ikinwemo)

Reka turebere hamwe uburyo Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri yakoresheye mu ishuri.

Uburyo Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri ikoreshwa mu ishuri

Ingamba z'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri	Ingero z'uko byakorwa
Uburyo butandukanye bwo gushishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu kigwa.	 Ihuriro ribanziriza amasomo: Abanyeshuri bahurira hamwe ku ruziga cyangwa bagahagarara ku buryo buri wese areba mugenzi we, hanyuma umwarimu akabafasha gusubiramo ibyo baheruka kwiga ndetse bakarebera hamwe ibyo biga uwo munsu.
	Kugaragaza ingengabihe: Umwarimu yereka abanyeshuri gahunda/ ingengabihe y'ibygwa by'uwo munsu. Gukoresha amashusho asobanura ibyigwa ni uburyo bwiza bwo gufasha abanyeshuri cyane ko baba bataraba abasomyi.
	Gukoresha imfashanyigisho zifatika mu gusobanura ikigwa gishya: (urugero: Mu kwiga inyuguti nshya zigize itonde ry'inyuguti, umwarimu yakoresha imfashanyigisho zifatika zumvikanamo ijwi ry'inyuguti yigwa akaziha abanyeshuri bakazifashisha nko mu gutahura ijwi rishya.)
	Guhuza ibyigwa n'ubuzima busanzwe: (Urugero: Mu kwiga inyuguti nshya, abanyeshuri bashobora gutahura amazina y'abantu babana mu miryango arimo ijwi ry'inyuguti yigwa).
	Amahitamo y'umunyeshuri: Mu kwiga gusoma, abanyeshuri bahabwa amahirwe yo guhitamo mu bikorwa byateguwe bitandukanye cyangwa mu buryo bunyuranye, nko kuba yasoma ku giti ke cyangwa agasomera hamwe na mugenzi we.
	Kwiga ibyigwa bishya binyujijwe mu mikino.

Ingamba z'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri	Ingero z'uko byakorwa
Uburyo butandukanye bwo gutanga ikigwa.	Kungurana ibitekerezo mu matsinda ya babiribabiri no kubisangiza abandi: Abanyeshuri babazwa ikibazo cyangwa bagahabwa ingingo yo kunguranaho ibitekerezo. • Mbere na mbere, abanyeshuri batekereza ku gisubizo k'ikibazo, buri wese ku giti ke. • Abanyeshuri bakungurana ibitekerezo mu matsinda ya babiribabiri • Hanyuma ya matsinda ya babiribabiri agasangiza ibitekerezo ishuri ryose cyangwa andi matsinda mato.
	Nubwo abanyeshuri bo mu kicio cya mbere cy'amashuri abanza baba bataramenya neza gusoma no kwandika, bagira uruhare mu bikorwa biganisha ku gutekereza, buri wese ku giti ke, kungurana ibitekerezo mu matsinda ya babiribabiri no kubisangiza bagenzi babo. Urugero abanyeshuri bashobora: • Gutahura amagambo menshi atangirwa n'ijwi runaka ryigwa. Urugero: niba ijwi ryigwa ari /i/ batahura amagambo nk'igi, ipikipiki, ikibiriti, inkoko... • Kungurana ibitekerezo ku nyunguramagambo zijyanye n'insanganyamatsiko runaka. Urugero: Abanyeshuri bashobora gutanga urutonde rw'amazina y'inyamaswa, ibikoresho byo mu rugo cyangwa ibikoresho babona ku ishuri.

-  Tekereza ku kibazo cyabajijwe
-  Ungurana ibitekerezo na mugenzi wawe
-  Sangiza itsinda rigari ibitekerezo

	Guhimba udukuru: Niba nk'umwarimu atanze urugero rw'interuro igira iti: "Nyina wa Ana yagiye kugura umugati..." abanyeshuri bashobora kuvuga uko inkuru yakomeje bitewe n'uko babitekereza.
	Gutanga ikigwa mu buryo butandukanye: Mu gihe wandika ku kibaho ushobora no kuvuga mu ijwi riranguruye ibyo uri no kwandika.
	Imyigire inyujijwe mu dukino: abanyeshuri bashobora gukina ibitekerezo by'ingenzi birimo inyungurambo, isomo bakuye mu nkuru, ingingo y'ingenzi ikubiye mu nkuru, ikibazo kiri mu nkuru n'uko cyakemutse. Abanyeshuri bashobora kwitwara nk'abanyarubuga bavugwa mu nkuru ndetse bakigana imyifatire yabo.
	Gukoresha imfashanyigisho zifatika abanyeshuri bashobora gukoraho no kuganiraho hagati yabo. Urugero: Gukora inyuguti bize bifashishije imfashanyigisho zifatika basanzwe bazi nk'umucanga, utubuye, uduti, amababi y'ibiti, ibumba...
	Kunoza imyigire hakoreshejwe muzika, udukino n'indirimo. 
	Gukoresha amatsinda mato: Umwarimu aha abanyeshuri amahirwe yo gukorera ibikorwa bitandukanye mu matsinda mato (abanyeshuri 4-7). Mu gihe umwarimu agendagenda mu ishuri areba uko bakorera mu matsinda, atanga ubufasha ku babukeneye. Ibanga ryo kugera ku ntego mu gihe abanyeshuri bakorera mu matsinda ni uko utegura ibiri bukorwe mbere. Urugero:  - Kugaragaza igikorwa n'igihe gikenewe mu kugikora - Gutegura imfashanyigisho zikenerwa mbere y'igikorwa - Gutanga amabwiriza yumvikana ajyanye n'intego y'isomo n'ibigomba gukorera mu matsinda. - Kwereka ishuri ryose uko igikorwa kiri bukorwe mbere y'uko abanyeshuri bajya kugikorera mu matsinda. - Guha abanyeshuri amabwiriza y'uko bagomba kugira uruhare mu bikorwa, gutega amatwi no kubaha ibitekerezo bya bagenzi babo igihe bakorera mu matsinda.

Ingamba z'Imyigire Iberaye Buri Munyeshuri	Ingero z'uko byakorwa
Uburyo butandukanye umunyeshuri akoresha agaragaza ko yumvise ikigwa.	 Uburyo bwo kugaragaza ibisubizo Guha abanyeshuri umwanya wo kwihitiramo uburyo bwo gusubiza ikibazo.  Urugero: kwandika igisubizo, gusubiza bavuga mu ijwi riranguruye cyangwa gushushanya, gutunga urutoki n'ibindi 

	Guha umwanya abanyeshuri wo gukoresha uburyo butandukanye bagaragaza ko bumvise ibyo bize  Kungurana ibitekerezo no kubisangiza abandi: Abanyeshuri bungurana ibitekerezo na bagenzi babo bicaranye ku kibazo cyangwa ku nsanganyamatsiko umwarimu yabahaye. Ibi bituma abanyeshuri bagira uruhare mu myigire yabo kandi bigafasha abanyeshuri batigirira ikizere / batisanzura mu kuvugira mu itsinda rigari.
	 Kugaragaza ibitekerezo/ Igisubizo. Kurebesha ibikumwe hejuru igihe uzi igisubizo: Abanyeshuri bacecetse, bashobora kurebesha ibikumwe byabo hejuru igihe bazi igisubizo. Ibi bifasha abanyeshuri bakenera igihe gihagije cyo gutekereza ku gisubizo kandi bigafasha umwarimu gusuzuma uko bumvise ibyo babajijwe.
	 Kurebesha ibikumwe hejuru cyangwa hasi: Abanyeshuri barebesha ibikumwe hejuru iyo bemeranwa n'umwarimu ku ngingo runaka cyangwa igisubizo, bakanabirebesha hasi mu gihe batemeranya na we. Ibi bifasha abanyeshuri batigirira ikizere / batisanzura mu kuvuga kandi bigafasha abanyeshuri muri rusange kugira uruhare mu gusubiza ibibazo. Ibi kandi ni uburyo bwo gukoresha isuzuma ry'ako kanya.
	 Gukoresha udukarita Mu gihe ubaza umunyeshuri gutahura inyuguti mu nyandiko, ushobora gutegura udukarika dutatu twanditseho iyo nyuguti, ukamusaba gutunga urutoki ku gisubizo kiri cyo.
	 Kwandika ibyo bibuka nyuma y'isomo: Mbere y'uko abanyeshuri basohoka mu ishuri bagiye mu karuhuko gato cyangwa basoje amasomo y'umunsi, umwarimu abaza ikibazo agasaba abanyeshuri kwandika igisubizo ku gapapuro gato hanyuma bakagaha umwarimu mbere yo gusohoka. Urugero: Umwarimu ashobora gusaba abanyeshuri kwandika inyuguti yizwe uwo munsi, kwandika amazina yabo, kwandika imigemo irimo inyuguti yizwe, kwandika ijambo/amagambo arimo inyuguti yizwe...
	 Gutanga umwanya wo gutekereza: Igihe umwarimu abajije ikibazo, aha abanyeshuri umwanya wo gutekereza, akabategereza umwanya muto mbere y'uko basubiza ikibazo cyabajijwe. Ibi bituma abanyeshuri benshi bashishikarira gusubiza nyuma yo gutekereza neza ku gisubizo kandi bigatuma umubare munini w'abanyeshuri ugira uruhare mu gusubiza; nubwo bamwe mu banyeshuri baba bashaka guhita basubiza, rimwe na rimwe batabanje no gutekereza.

Ibijyanye n'ubucucike mu mashuri yo mu Rwanda

Abarimu benshi bafite umubare minini w'abanyeshuri mu mashuri bigishamo. Hatabayeho ubufasha bw'abandi bantu nk'abakorerabushake baza gufasha umwarimu mu ishuri, byaba bigoye kwita kuri buri mwana wese. Nubwo bimeze gutyo, kwifashisha ingamba zoroshye mu guhangana n'iki kibazo birashoboka. Dore zimwe mu ngamba umwarimu yakwifashisha:

Gutegura isomo mbere kandi ukaritegurana ubushishozi

Umwarimu ategura ibikorwa byose mu isomo akanagerageza kubishyira mu bikorwa akurikije amahame y'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri. Ni ukuvuga ko umwarimu areba ibikorwa bishishikariza abanyeshuri kwiga isomo akabishyira ukwabyo, ibikorwa ari bukoresha atanga isomo na byo ukwabyo ndetse n'ibikorwa akoresha mu isuzuma na byo akabishyira ukwabyo. Ategura kandi n'ibindi bikoresho biza gukenerwa mu isomo nk'imikino n'izindi mfashanyigisho zifatika zitandukanye.

Kureba ibikoresho bishobora gukoreshwa mu bikorwa bitandukanye

Urugero: Ibinyampeke n'utubuye bishobora gukoreshwa mu gukora inyuguti zigaragara zinafatika. Inyuguti zikoze mu mpapuro zikomeye zishobora gukoreshwa igihe kirekire zitangiritse.

Gutanga amabwiriza yumvikana neza ku banyeshuri

Gushyira abanyeshuri mu matsinda bishobora gufata umwanya munini w'isomo, ni yo mpamvu agomba gukorwa mbere y'isomo. Iyo bamaze kubimenyera, umwarimu ashobora kugendagenda atanga ubufasha ku babukeneye.

Gutekereza neza ku mikoreshereze y'imyanya mu ishuri

Niba abanyeshuri benshi badakwirwa mu cyumba gito, wabashyira hanze bakigiraye kuko bashobora no kwitoza kwandika inyuguti mu mukungugu.

Guha abanyeshuri inshingano

Nk'urugero abanyeshuri bashobora gutanga no gusubiza mu mwanya ibitabo cyangwa izindi mfashanyigisho.

Isuzuma Ribereye Buri Munyeshuri

Gusuzuma imyigire y'abanyeshuri ni igikorwa k'ingenzi gikwiye gukorwa inshuro nyinshi zishoboka. Isuzuma rishobora kuba ari irinoza imyigire n'imyigishirize, rigakorwa hagati mu isomo (Urugero: ibikumwe hejuru iyo bazi igisubizo), cyangwa rikaba isuzuma rikomatanya rikorwa ku mpera za buri mutwe w'amasomo (Urugero: Isuzuma risoza umutwe wa 1, 2...). Isuzuma ridufasha gutahura uburyo bw'imyigishirize bwatanze umusaruro kurusha ubundi, bityo tukarushaho kumenya ahakwiye gushyirwa imbaraga kurusha ahandi. Ibi ni byo twita Isuzuma Ribereye Buri Munyeshuri. Rifasha abanyeshuri kugaragaza ibyo bize mu buryo butandukanye ndetse rikaba ryanafasha benshi mu banyeshuri harimo n'abafite imbogamizi mu myigire yabo. Inzira byanyuzwamo ngo isuzuma ribe rikurikiza amahame y'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri ni izi zikurikira:

Amahame y'Isuzuma Ribereye Buri Munyeshuri ajyanye no kwakira amakuru

- Gusomera abanyeshuri ibibazo neza mu ijwi riranguruye.
- Kugaragariza abanyeshuri ku buryo bw'umwihariko (gucaho akarongo cyangwa kwandika mu ibara) amabwiriza y'ingenzi y'isuzuma.

Amahame y'Isuzuma Ribereye Buri Munyeshuri ajyanye no gutanga amakuru

- Kwemera ibisubizo by'abanyeshuri mu buryo bwo kuvuga aho kwandika.
- Kwemerera umunyeshuri kuba yakwandikisha marikeri mu gihe kwandikisha ikaramu bimugora cyangwa uburyo bwamworohere.

Amahame y'Isuzuma Ribereye Buri Munyeshuri ajyanye no gushishikariza abanyeshuri kwiga

- Gutanga igihe k'inyongera cyo gukora isuzuma ku banyeshuri bafite imbogamizi mu myigire yabo.
- Gufasha abanyeshuri bakunze kurangara cyane, bakaba bakorerwa isuzuma ahandi hantu hashoboka hatuma batarangara igihe bakora isuzuma.
- Kwemerera abanyeshuri kuba bakora isuzuma mu bihe bitandukanye (kuba umunyeshuri yakora isuzuma nyuma yo kongera kwiyumvamo imbaraga bitewe n'uko yari yagize imbogamizi runaka mu gihe k'isuzuma cyari giteganyijwe).

Umwanya wo kwandikamo

Handwriting practice area with 20 horizontal dotted lines.

UMUTWE WA 3: UBURYO BWO KWIGISHA INKINGI ESHANU ZO GUSOMA NO KWANDIKA HIMAKAZWA IMYIGIRE IBEREYE BURI MUNYESHURI

Intego y'umutwe: Kurushaho kunoza imyigishirize y'inkingi 5 zo gusoma no kwandika hakoreshejwe Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri.

I. Inkingi eshanu zo gusoma no kwandika Itahuramajwi

Uko bikorwa	Imfashanyigisho zikenewe
Mu gihe umwarimu ageze ku magambo y'ifatizo afasha abanyeshuri gutahura ijwi rishya, ayavuga asa n'ugemura, areba abanyeshuri bose, na bo bitegereza iminwa ye. Nyuma abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bigana uko umwarimu wabo yabigenje.	
Umwariimu ashobora no gushyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bicaranye kugira ngo bafashanye kungurana ibitekerezo. Umwarimu asaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo ijwi ryigwa. Amwe mu matsinda asangiza ishuri ryose ibyo yakozze.	
Mu gutahura ijwi rishya hifashishijwe igika k'inkuru, umwarimu ashobora kwereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'inkuru ibafasha gutahura amagambo y'ifatizo yumvikanamo ijwi rishya akabaza abanyeshuri ikibazo gituma basubiza bakoresheje uburyo butandukanye nko kwerekana batunga urutoki ku mashusho yumvikanamo ijwi ryigwa.	- Ishusho yo mu gitabo cy'umunyeshuri. - Agakuru abana bisomera
Umwariimu avuga amagambo atandukanye ariko yagera ku magambo arimo ijwi rishya, ashobora kuyavuga atsindagira ahumvikana ijwi rishya ugakoma amashyi cyangwa ugakubita ikirenge hasi hanyuma abanyeshuri bari mu matsinda mato bakayasubiramo bubahiriza urugero wabahaye. Urugero: umwarimu avuga amagambo abiri atarimo ijwi rishya, yavuga irya gatatu ririmo ijwi rishya, abanyeshuri bagakoma amashyi cyangwa bagakubita ikirenge hasi.	
Umwariimu ahitamo ijambo agashyira abanyeshuri mu matsinda umwe akavuga umugemo utangira, undi akavuga ukurikira kugeza imigemo yose irangiye hanyuma bakavugira hamwe ijambo ryose. Urugero: u-ru-ke-ro / urukero. Iryo jambo rigomba kuba ririmo ijwi ryigwa.	
Umwariimu yereka abanyeshuri amashusho agaragara neza cyangwa ibikoresho bifatika akabasaba kuyitegereza akayabasobanurira ayahuza n'ubuzima busanzwe bwabo kugira ngo bumve neza icyo ayo mashusho agaragaza. Ashobora no gusaba abanyeshuri babiribabiri bicaranye gutahura mu mashusho agaragara mu ishuri, ayumvikanamo ijwi ryigwa, umwe akabwira mugenzi we amazina y'ayo mashusho, akanamubwira ishusho yumvikanamo ijwi rishya, umwarimu akabafasha kunoza ibisubizo byabo.	- Amashusho - Imfashanyigisho zifatika

Umwarimu akoresha uburyo butandukanye bumufasha kumenya ko abanyeshuri batahuye ijwi rishya (gukoma amashyi cyangwa kutayakoma, gutunga urutoki ku kintu kirimo ijwi rishya ryigwa, kuvuga niba ijwi rishya riri ku ntangiriro, hagati cyangwa ku mpera y'ijambo...)	- Amashusho - Imfashanyigisho zifatika
Umwarimu asaba abanyeshuri ku giti cyabo gushushanya igikoresho runaka bazi gifite ijwi rishya mu izina ryacyo.	

Ihuzamajwi

Uko bikorwa	Imfashanyigisho
Umukino w'inyuguti umwarimu akata udupapuro duto turiho inyuguti zizwe akatuvangavanga hanyuma akagenda anyura mu ishuri buri munyeshuri akoramo agapapuro hanyuma agasoma ikimenyetso cyanditse kuri ako gapapuro. Abanyeshuri bashobora no kubikorera mu matsinda mato.	Uduce duto twudupapuro twanditseho inyuguti zizwe.
Umwarimu ashobora gusomera abanyeshuri ikimenyetso k'ijwi rishya ryigwa akabasaba gutunga urutoki aho babona hari icyo ikimenyetso mu ishuri ryabo.	
- Umwarimu yifashishije urutonde rw'inyuguti zizwe cyangwa udukarita twanditseho inyuguti zitandukanye zizwe, ashobora gukoresha umukino wo gusaba abanyeshuri gutahura inyuguti bize (bakaba banayerekana mu bitabo byabo) cyangwa bagahura udukarita twanditseho inyuguti zizwe bagakora imigemo/ ijambo. - Icyo gikorwa cyakorerwa mu matsinda kugira ngo abanyeshuri bose bakigiremo uruhare.	- Urutonde rw'inyuguti zizwe - Udukarika twanditseho inyuguti zizwe

Inyunguramagambo

Uko bikorwa	Ibikenewe
Umwarimu n'abanyeshuri basobanura ijambo rishya bifashishije amashusho.	Amashusho
Umwarimu n'abanyeshuri bashobora gukina igisobanuro k'ijambo (urugero nko mu gusobanura ijambo "gusimbuka", aho kurisobanura mu magambo, bashobora kwifashisha ikimenyetso cyo gusimbuka).	
Umwarimu n'abanyeshuri bashobora gusobanura ijambo bifashishije imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho. (Urugero: niba umwarimu yigisha ijambo ururabo, ashobora kuzana ururabo akaruhira abanyeshuri bakarukoraho).	Imfashanyigisho zifatika; (Urugero: ururabo)
Mu matsinda mato, abanyeshuri bakina ikimenyetso k'ijambo rishya hanyuma irindi tsinda rigatahura cyangwa rikavuga ijambo ry'icyo gikorwa bakoze.	

Gusoma udategwa

Uko bikorwa	Ibikenewe
Umwarimu ashobora gusoma agakuru inshuro zirenze imwe ku muvuduko ukwiye kandi asesekaza kugira ngo buri munyeshuri abashe kumva neza ako gakuru. Nyuma yo gusoma inshuro ya kabiri, umwarimu ashobora gusaba abanyeshuri kugenda basoma buri nteruro ukwayo izindi nteruro zihishe hakoreshejwe urupapuro rutanditseho ikintu na kimwe.	
Umwarimu ashobora gukora amatsinda ashingiye ku buryo abanyeshuri bashobora gufashanya hagati yabo igihe bisomera agakuru, ku buryo umunyeshuri umwe, babiri, cyangwa batatu bashobora gusomera bagenzi babo bari kumwe mu itsinda basimburana.	
Umwarimu ashobora guha umunyeshuri umwanya uhagije wo gusoma akurikije umuvuduko agenderaho.	
Umwarimu ashobora gukora amakarita yanditseho buri nteruro igize agakuru, hanyuma agasaba abanyeshuri gutondeka ayo makarita bashingiye ku rukurikirane rw'ibitekerezo bigize agakuru hanyuma bakagasoma. (Ako gakuru kagomba kuba kagizwe n'interuro zirimo amagambo agizwe n'inyuguti bize)	Amakarita

Kumva umwandiko

Uko bikorwa	Ibikenewe
Umwarimu asomera abanyeshuri ikibazo mu ijwi riranguruye inshuro irenze imwe hanyuma akabashyira mu matsinda ya babiribabiri, yarangiza akabasaba kubazanya icyo kibazo. Nyuma, umwarimu abaza icyo kibazo ishuri ryose.	
Umwarimu ashobora guhindura uburyo bwo kubaza no gusubiza ibibazo (hakoreshejwe ibimenyetso, amashusho ashimishije cyangwa hifashishijwe abandi banyeshuri bashobora kuba bazi ururimi bagenzi babo bumva cyangwa ibimenyetso bakoresheha hagati yabo).	Amashusho
Umwarimu aha abanyeshuri umwanya wo gutekereza ku kibazo ku giti cyabo, bakakiganiraho babiribabiri hanyuma bagasangiza ishuri ryose igisubizo.	
Umwarimu afasha buri munyeshuri kwishakamo ubushobozi bwo gusubiza, abasaba gusubiza mu buryo bworoheye buri munyeshuri (gusubiza bakoresheje ibimenyetso, ibikoreshe bifatika, amashusho ari mu ishuri/mu gitabo cy'umunyeshuri). Iyo abanyeshuri bibagoye gusubiza umwarimu ashobora kwitangira igisubizo abanyeshuri akabasaba kugisubiramo. Umwarimu ashobora kandi kwandika ikibazo ku kibaho buri munyeshuri agasubiza yandika, ashushanya ishusho igaragaza igisubizo cyangwa se atunga urutoki ku gisubizo aho kiri mu gakuru.	Amashusho
Umwarimu ategura amakarita yanditseho ibisubizo by'ikibazo cyabajijwe akoresheje amashusho cyangwa amagambo agizwe n'inyuguti zizwe, hanyuma bagahitamo ikarita iriho igisubizo kiri cyo.	Amakarita y'ibisubizo. Amagambo agizwe n'inyuguti bize

Kwandika

Uko bikorwa	Ibikenewe
Umwarimu ashobora guha abanyeshuri ubufasha bwihariye cyangwa akabashyira mu matsinda akabashishikariza gufashanya. (Gufata akaboko k'umunyeshuri ukamwandikisha cyangwa ukongera umubyimba w'ikaramu kugira ngo yoroherewe uyikoresha)	
Umwarimu yica abanyeshuri ahantu habereye buri wese, begereye ameza bandikiraho, buri wese yicaye mu buryo buboneye (atihengetse, ikayi cyangwa urupapuro yandikaho ruri imbere ye neza) ku buryo yandika yisanzuye.	
Umwarimu afasha abanyeshuri kwandika mu buryo bwose bushoboka (urugero: Kwandikisha izindi ngingo nk'amano, umunwa...)	
Umwarimu n'abanyeshuri bashobora kwandika ijambo/ interuro mu nyuguti nini zigaragara.	
Umwarimu n'abanyeshuri bashobora kwandika inyuguti cyangwa ijambo bakoresheje imifuniko y'amacupa cyangwa utubuye duto. Umwarimu asaba abanyeshuri kwandika iryo jambo mu makayi yabo.	Ibikoresho bisanzwe nk'imifuniko y'amacupa, ibishyimbo, utubuye duto, n'ibindi.

2. Ingero z'imfashanyigisho zikozwe mu bikoresho biboneka iwacu zishobora gufasha abanyeshuri mu myitozo n'imikino itandukanye

Imfashanyigisho	Ibikorwa byo gusoma ku mwarimu no ku banyeshuri
Utubuye cyangwa ibishyimbo 	1. Umwarimu akora amatsinda mato, buri tsinda akariha utubuye cyangwa ibishyimbo. Umwarimu asaba abanyeshuri gukora inyuguti bari kwiga bakoresheje utubuye cyangwa ibishyimbo. 2. Mu matsinda mato, umunyeshuri umwe ashobora gukora inyuguti cyangwa umugemo mu byo baherutse kwiga akoresheje utubuye cyangwa ibishyimbo. Bagenzi be bagatahura iyo nyuguti cyangwa umugemo uwo munyeshuri yakoze. 3. Umwarimu ashobora kandi gusaba abanyeshuri gukora inyuguti runaka bakoresheje utubuye n'ibishyimbo ku ntebe zabo, ku meza cyangwa ku musambi. 4. Utubuye n'ibishyimbo bishobora gukoreshwa kandi umwarimu ashimira abanyeshuri imyitwarire myiza bagaragaje. icyo gihe yifashisha icupa cyangwa ikindi gikoresho nk'igikombe cyangwa ikirahure akajya ajugunyamo akabuye cyangwa intete imwe y'igishyimbo buri gihe uko abanyeshuri bagaragaje imyitwarire ishimishije. Iyo utwo tubuye cyangwa ibishyimbo bigeze ku kigero umwarimu yumvikanyeho n'abanyeshuri, abagera igihembo yabazeraniye nko kubaririmbira akaririmbo bakunda, kubabyinira n'ibindi.
Imifuniko y'amacupa 	1. Umwarimu ashira abanyeshuri mu matsinda mato, buri tsinda akariha imifuniko y'amacupa yanditseho inyuguti. Iyo arangije, avuga ijwi ry'inyuguti cyangwa igihekanerunaka, hanyuma abanyeshuri na bo bagahitamo mu mifuniko bafite uwanditseho iyo nyuguti cyangwa icyo gihekane avuze. Ibi byakozwe n'umwarimu bishobora kandi gukorwa n'abanyeshuri basimburana mu matsinda yabo. 2. Umwarimu akora amatsinda mato agaha buri tsinda imifuniko y'amacupa yanditseho inyuguti nto n'inkuru. Umwarimu avuga iyo nyuguti noneho abanyeshuri bagahitamo imifuniko y'iyonyuguti (yanditse mu nyuguti nto n'inkuru) 3. Umwarimu ashira imifuniko yanditseho inyuguti mu gafuka hanyuma agasaba bamwe mu banyeshuri gukora mu gafuka bagakuramo umufuniko umwe uriho inyuguti agahita avuga iyo ari yo. Uyu mukino ushobora gukoreshwa kandi n'abanyeshuri hagati yabo.
Udukarita twanditseho inyuguti 	1. Umwarimu yandika inyuguti ku dukarita. Umwarimu agakoresha abanyeshuri ibikorwa byose bikorwa hifashishijwe imifuniko yanditseho inyuguti akoresheje utwo dukarita. 2. Umwarimu ashira abanyeshuri mu matsinda mato, agaha buri tsinda udukarita twanditseho imigemo. Abanyeshuri bari muri buri tsinda bagasimburana bafata udukarita twanditseho imigemo bahawe, bakayihuza hanyuma bagakora amagambo, bakayasoma.

	3. Umwarimu yifashisha agakuru umunyeshuri yisomera akandika buri nteruro ikagize ku gakarita cyangwa ku gace k'urupapuro. • Umwarimu akora amatsinda mato akavuga inyuguti barimo kwiga hanyuma agasaba abanyeshuri kuyerekana mu nteruro yabahaye. • Umwarimu akoresha uburyo bwa “Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore” akayobora abanyeshuri bagakora agakuru kuzuye bifashishije twa dukarita n'udupapuro turiho interuro hanyuma bakagasoma. 4. Nk'uko umwarimu yakoze udukarita turiho interuro ashobora no gukora udukarita turiho amagambo, agasaba abanyeshuri kuyahuza bagakora interuro igize agakuru bakayisoma.
Hasi ku isima, mu mucanga cyangwa ku tubaho turi ku bikuta tugenewe abanyeshuri	1. Umwarimu ashobora gukora amatsinda y'abanyeshuri akabasaba kwandika inyuguti cyangwa imigemo mu mucanga, hasi cyangwa ku isima akoresheje urutoki, agati cyangwa ingwa. 2. Umwarimu akoresha uburyo bwa “Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore” akayobora abanyeshuri gukora ibyo bikorwa.

Umwanya wo kwandikamo

Handwriting practice area with 20 horizontal dotted lines.

UMUTWE WA 4: INGERO Z'IMBOGAMIZI ZIHARIYE MU MYIGIRE

Intego y'umutwe: Gusobanura ubumuga n'imbogamizi mu myigire bitandukanye abanyeshuri bashobora kugira n'uburyo bafashwamo.

Umunyeshuri ashobora kugira imbogamizi zihariye mu myigire bitewe n'ubumuga runaka cyangwa se imiterere adahuje n'abandi. Kugira ubumuga ntibiterwa n'icyaha, umuvumo cyangwa se imyitwarire idahwitse ababyeyi b'umunyeshuri bagize. Ahubwo ubumuga bushobora kuza igihe icyo ari cyo cyose bitewe n'impamvu zitandukanye. Abanyeshuri bose harimo n'abafite ubumuga bakwiye guhabwa uburenganzira bwo kwiga ndetse no gufashwa mu buryo bukwiriye mu myigire ndetse no mu buzima busanzwe. Nubwo kugira ubumuga bitera imbogamizi zitandukanye ariko ntibivuze ko umunyeshuri ubufite adashobora kwiga no kwigishwa neza.

Kugira ubumuga ntibivuze kutagira ubushobozi; abanyeshuri bose bashobora kwiga no kwigishwa.

Umwarimu ntakwiye kubakira ku bumuga umunyeshuri afite, ahubwo agomba kubakira amasomo ategura ku bushobozi umwana afite n'umwihariko we mu myigire. Tugiye kureba imbogamizi abanyeshuri bagira mu myigire bitewe n'ubumuga butandukanye.

4.1. Abanyeshuri bafite imbogamizi zo kuvuga, gusubiza, kuganira no gusobanukirwa n'ibyavuzwe n'undi

Hari abanyeshuri benshi bumva neza ariko bakagira imbogamizi zo kuvuga, gusubiza, kuganira no gusobanukirwa n'ibyavuzwe n'undi. Bamwe muri abo banyeshuri bagira imbogamizi zo kuvuga amwe mu majwi. Abandi banyeshuri bashobora kumva neza ariko ntibashobore kuvuga amagambo amwe n'amwe. Kugira ubushobozi buke bwo kuvuga, gusubiza, kuganira no gusobanukirwa n'ibyavuzwe n'undi bigaragara ku banyeshuri benshi. Nubwo mu Rwanda imibare y'abo banyeshuri itazwi neza, abarimu bahura na bo mu ishuri bashobora kubafasha ibibazo bafite bikagenda bikemuka. Iyo abanyeshuri batabonye ubwo bufasha bahura n'imbogamizi nyinshi zituma ndetse bava mu ishuri cyangwa ngo bagere ku rugero rwiza rwo kuvuga, gusubiza, kuganira no gusobanukirwa n'ibyavuzwe n'undi.

Urugero rwa I

- Mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza harimo umunyeshuri witwa Dusabe ugira imbogamizi zo kuvuga, kuganira no kwisobanura mu mvugo. Akunda nyamara kwakira ibyo abwirwa mu buryo butandukanye ndetse no gusabana n'abantu batari benshi akoresheje ibimenyetso n'imiyezo itandukanye. Umwarimu yakoreshe uburyo bukurikira muri iri shuri:
- Kwigisha avuga ari nako yandika iby'ingenzi mu byo yavuze ku kibaho.
- Gukurikirana abanyeshuri bose kugira ngo amenye niba basobanukirwa neza n'ubutumwa, amakuru ari gutangwa cyangwa niba hari abakeneye ubufasha bw'umwihariko.
- Gusobanura ibitekerezo by'ingenzi mu buryo butandukanye (Urugero: kwigisha yandika inyuguti nshya ku kibaho, gukoresha imiyego no kwandikisha urutoki.)
- Kwifashisha amashusho, ibikoreshe bifatika, imikino, indirimbo n'ibikorwa mu gihe umwarimu afite icyo ashaka kubwira abanyeshuri.
- Bitewe n'uko hari abanyeshuri kuvuga bibagora bityo bigatuma batabasha gusubiza mu mvugo, umwarimu ashobora kudasaba gusubiza bandika ku kibaho cyangwa ku rupapuro.
- Gutegura ibikorwa bituma abanyeshuri bakorera mu matsinda, bityo bakabasha gufashanya hagati yabo.

4.2. Abanyeshuri batabona n'ababona buhoro

Hari abanyeshuri batabona na busa n'ababona buhoro ku ngero zitandukanye ku buryo batabasha gusoma ibyanditse mu bitabo cyangwa ku kibaho. Urugero: Nk'abanyeshuri bafite ubumuga bw'uruho rwera bakunze kugira imbogamizi zo kubona buhoro. Mu Rwanda abanyeshuri bafite imbogamizi zo kutabona bajya mu mashuri ari hafi y'iwabo bakagira imbogamizi zo gukomeza kwiga. Bake muri bo bajya mu mashuri abafasha ku buryo bwihariye. Nyamara kandi iyo aba banyeshuri bafashijwe mu buryo bukwiye biga neza no mu mashuri asanzwe. Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona bashobora kwiga gusoma bakoresheje inyandiko ibagenewe yitwa bureyi (braille). Iyi nyandiko igizwe n'imyanya (Cells) ikwiramo utudomo dutandatu (dot 1 to 6) duhanda umunyeshuri asoma adukoraho, atwumvisha intoki. Ku banyeshuri babona buhoro, hari ibindi bikoresho bibafasha nk'amataratara afite ibirahuri binini kugira ngo babashe gusoma inyandiko iri kure. Hari uburyo butandukanye bwo gufasha abanyeshuri babona buhoro.

Urugero rwa 2

- Mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza ya Kamonyi higamo umunyeshuri Gasaro utabona neza. Akunda gufatanya n'abandi kwiga ari uko akora ku bintu, gukurikira amasomo ndetse no kumva udukuru. Umwarimu yafasha iryo shuri akoresheje uburyo bukurikira:
- Kumufasha kubona amataratara yakoresha asoma,
- Kwifashisha ibikoresho umunyeshuri yiga akoraho cyangwa afataho kugira ngo yige inyuguti n'ibintu bisanzwe,
- Guteguta uburyo abanyeshuri bicaramo ku buryo abafite ibibazo byo kutabona bicara mu mwanya ubabereye,
- Gutanga amabwiriza y'ibikorwa abanyeshuri bakora mu mvugo,
- Gutegura ibikorwa bituma abanyeshuri bakorera mu matsinda aho abanyeshuri bafite imbogamizi zo kutabona bafashwa na bagenzi babo bakabasomera igihe bibaye ngombwa.

4.3 Abanyeshuri bafite imbogamizi zo kutumva na busa cyangwa bumva buhoro

Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva bashobora kumva gahoro cyangwa ntibumve na busa. Biba byiza iyo aba banyeshuri bize ururimi rw'amarenga bakiri bato. Uburyo abanyeshuri batumva na busa bafashwamo butandukanye n'uburyo abanyeshuri bumva gake bafashwamo. Bashobora kwigana n'abandi mu gihe umwarimu asobanukiwe imbogamizi zabo n'uburyo biga ndetse bakanigana na bagenzi babo batumva bazi ururimi rw'amarenga kandi bagakomeza kubana no gukora imirimo itandukanye mu muryango. Ibi bibafasha kwiyungura ubumenyi mu gukoresha urwo rurimi rw'amarenga.

Abanyeshuri bamwe bafite ubumuga bwo kutumva biga hakoreshejwe imvugo y'amarenga mu gihe abanyeshuri bumva buhoro bahabwa ubundi bufasha bwisumbuyeho mu ishuri n'abandi. Abanyeshuri bamwe bafite imbogamizi zo kutumva zituruka ku burwari bw'amatwi kandi bushobora kuvurwa. Abandi bafite imbogamizi zo kutumva bamaranye igihe kirekire, kandi ntabwo bafite ubushobozi bwo kugira ibikoresho bibafasha kumva n'ibindi bikoresho ibya ari byo byose byabafasha muri izo mbogamizi bafite. Bakeneye ubufasha kugira ngo uruhare rwabo rugaragare mu myigire.

Urugero rwa 3

Umunyeshuri Teta wiga mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza mu ishuri rimwe ryo mu Karere ka Ngoma yumva bimugoye. Ashimishwa no guhabwa amabwiriza asobanutse, kwiga yisanzuye, gufatanya na bagenzi be no kwigira mu matsinda. Umwarimu yafasha iryo shuri Teta yigamo akoresheje uburyo bukurikira:

- Kwigisha avuga ari nako yandika iby'ingenzi mu byo yavuze ku kibaho,
- Kwifashisha bamwe mu banyeshuri bagafatira note abafite imbogamizi zo kutumva neza cyangwa bakaza gufata umwanya wo kubasobanurira begeranye,
- Gutegura gahunda y'umunsi igaragara abanyeshuri bose bakaba babasha kuyirebaho,
- Kwicaza abanyeshuri bafite ibibazo byo kutumva neza imbere, hafi y'umwarimu,
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mato aho abanyeshuri bafashanya mu bwisanzure n'umwarimu akabaha ubufasha igihe babukeneye,
- Kwigisha areba abanyeshuri aho kubatera umugongo yirebera ku kibaho,
- Gushimangira ibivugwa hifashishijwe amashusho, ibikoreshe bifatika, imikino, indirimbo n'ibindi bikorwa bitandukanye.

4.4 Abanyeshuri bafite ibibazo by'imitekerereze cyangwa bafite ubumuga zikomatanyije

Akenshi biragora gusobanukirwa neza n'ubushobozi ndetse n'imbogamizi bene abo banyeshuri bafite. Uko kudasobanukirwa abanyeshuri bafite ibi bibazo by'imitekerereze gutuma batemererwa kwigana n'abandi; bakigira mu muhezo mu mashuri ya bonyine cyangwa bagashyirwa mu bigo bafashirizwamo. Aba banyeshuri na bo bafite ubushobozi bwo kwiga gusoma kandi byagaragaye ko bashobora kwigana n'abandi badafite imbogamizi nk'izabo. Bamwe muri bo biga ku muvuduko woroheje ugereraniye n'abandi ariko iyo bitaweho, bagahabwa imyitozo n'umwanya uhagije bashobora kugera ku ntego zitandukanye. Ikindi cyagaragaye ni uko abo banyeshuri bafite ibibazo by'imitekerereze bashobora gukora neza mu gihe biganye n'abandi badafite izo mbogamizi.

Urugero rwa 4

Umunyeshuri Inosenti wiga mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza mu ishuri rimwe ryo mu Mujyi wa Kigali afite ibibazo by'imitekerereze. Akunda imikino, amashusho no kwihitiramo gahunda n'ibikorwa bye. Umwarimu yafasha iryo shuri Inosenti yigamo akoresheje uburyo bukurikira:

- Gukoresha amashusho cyangwa ibikoreshe mu gutsindagira ibyigwa bishya,
- Gushyira abanyeshuri bafite ibibazo by'imitekerereze mu matsinda ya babiri cyangwa yagutse arimo abanyeshuri basobanukiwe n'ibigwa bishya kandi banasobanukiwe imikorere ya mugenzi wabo,
- Kwigisha abanyeshuri bakora ku mashusho, ku bimenyetso berekana ko basobanukiwe n'ibyo bize, bahuza ishusho n'inyuguti ndetse bigana inyuguti bayandikisha urutoki,
- Guha abanyeshuri amahirwe yo kwihitiramo ibikorwa bitandukanye bakora mu ishuri. Urugero: umunyeshuri ashobora guhitamo gusubiza ashushanya cyangwa yandika,
- Gutegura gahunda y'umunsi ku buryo igaragarira abanyeshuri bose.
- Gusubiriramo abanyeshuri ikintu gishya ku inshuro nyinshi mu magambo no mu bikorwa iyo bishoboka,
- Guha abanyeshuri uturuhuko n'utumarabute kenshi cyangwa imyitozo y'igihe gito.

4.5 Abanyeshuri bafite imbogamizi mu myigire, mu kugenzura imbamutima zabo cyangwa bamara umwanya batekereza

Izi ni zimwe mu mpamvu zitera abanyeshuri bamwe kudakurikira neza mu buryo butandukanye. Kubera izo mbogamizi zitagaragara, ntibyoroshye gutahura umunyeshuri ufite izo mbogamizi, bigatuma ndetse benshi bava mu mashuri iyo hatabonetse ubufasha byiyongereyeho. Umunyeshuri ufite izo mbogamizi ntibivuze ko afite ubwenge n'imatekerereze biciriritse. Bene aba banyeshuri bashobora kugira ibibazo mu masomo runaka, gukurikiza amabwiriza cyangwa kumara umwanya akurikiye umwarimu. Kandi uburyo bwo gusuzuma neza izo mbogamizi mu mashuri atabifitiye ubushobozi ntibyoroshye. Nyamara kandi hatabayeho n'isuzuma ryimbitse hari uburyo bwinshi abarimu bakoresha bugafasha bene abo bana mu mashuri yabo. Ik'igenzi ni ukumenya aho umunyeshuri afite ikibazo n'uburyo bwiza bwo kumufasha.

Urugero rwa 5

Umwari mu yafasha ishuri ryigamo abanyeshuri bafite imbogamizi mu myigire, no kugenzura imbamutima cyangwa mu kumara umwanya batekereza kabone naho nta suzuma ryaba ryarakorewe akoresheje uburyo bukurikira:

Gukoresha amashusho cyangwa ibikoresho mu gusindagira ibyigwa bishya,

Gushyira abanyeshuri bafite ibibazo by'imatekerereze mu matsinda ya babiri cyangwa yagutse arimo abanyeshuri basobanukiwe n'ibyigwa bishya kandi banasobanukiwe imikorere ya mugenzi wabo,

Kwigisha abanyeshuri bakora ku mashusho, ku bimenyetso berekana ko basobanukiwe n'ibyo bize, bahuza ishusho n'inyuguti ndetse bigana inyuguti bayandikisha urutoki,

- Guha abanyeshuri amahirwe yo kwihitiramo ibikorwa bitandukanye bakora mu ishuri. Urugero: umunyeshuri ashobora guhitamo gusubiza ashushanya cyangwa yandika. Ikindi kandi ashobora guhitamo gukorana na mugenzi we cyangwa ku giti ke.
- Gutegura gahunda y'umunsi ku buryo igaragarira abanyeshuri bose no gusubiriramo ikigwa gishya ku banyeshuri inshuro nyinshi mu magambo no mu bikorwa iyo bishoboka,
- Kwemerera abanyeshuri ubundi buryo bwo gusubiza butari ukwandika gusa nk'urugero gusubiza bavuga, gusubiza yerekana ikintu cyangwa akivuga.
- Gutegura igihe k'inyongera cy'amasuzuma, cyangwa kubaha amasuzuma mbere na nyuma y'amasomo wirinda ko haboneka abantu cyangwa ibintu bishobora kumurangaza.
- Gutegura ingeri zitandukanye z'ibikorwa bya buri munsi nk'imikino, indirimbo n'imiyego
- Guha abanyeshuri utumarabute n'uturuhuko kenshi cyangwa imyitozo y'igihe gito.

4.6 Abanyeshuri bafite ubumuga bw'ingingo

Abanyeshuri bafite ubumuga bw'ingingo: kuba hari urugingo rudakora nk'ukuboko, ukuguru cyangwa intoki, bashobora kugira ibibazo byo kugenda, guhuza ibitekerezo n'ibikorwa. Kugira ubumuga bw'ingingo ntibivuze ko abanyeshuri badashobora kwiga.

Urugero rwa 6

Umwari mu yafasha ishuri ririmo abanyeshuri bafite ubumuga bw'ingingo akoresheje uburyo bukurikira:

- Niba hari umunyeshuri ufite ikibazo cyo gufata ikaramu neza, ushobora kuyimuhambiraho cyangwa ukayongeraho ibituma ayifata neza,
- Gukangurira abanyeshuri gufasha bagenzi babo bafite ubumuga bw'ingingo igihe bakeneye kugira icyo bakora gikeneye urwo rugingo cyangwa bakeneye kugira aho bajya.

- Mu gihe umunyeshuri adashoboye kwandika, umwarimu ashobora kumutegurira note ndetse akamwemerera gusubiza mu mvugo,
- Gukangurira abanyeshuri kwitabira ibikorwa byose ukaba wabemerera kugaragaza aho babangamiwe cyangwa aho bakeneye ubundi bufasha,
- Gushishikariza umuryango mugari n'amashuri kugira uruhare mu gufasha aba banyeshuri babakorerera inzira zabagenewe zibafasha kugera ku bwihereho, mu ishuri n'ahandi. Ibi byakorwa hifashishijwe umuganda, komite z'ababyeyi, ibiganiri ndetse n'inama byerekeye ku buryo imiterere y'ishuri idakwiye kugira abanyeshuri biheze.



Abahungu n'abakobwa bafite ubumuga

Abanyeshuri bose bafite uburengazira bwo kwiga baba bafite cyangwa badafite ubumuga. Bityo rero ari abahungu cyangwa abakobwa bose bagomba kugira amahirwe angana yo kwiga no kurangiza amashuri. Umwarimu akwiye guha abakobwa n'abahungu amahirwe angana yo kugaragaza ibitekerezo byabo, kuja gusubiza ku kibabo cyangwa gusubiza muri rusange no gushimirwa igihe bakoze neza.



Abarezi bakwiye kuba intangarugero ku babyeyi no ku muryango mugari mu kubahiriza bene ubwo burunganire. Bashishikariza imiryango gushyira abana bose ku ishuri hatabayeho ivangura rishingiye ku gitsina cyangwa ubumuga. Ikindi kandi ababyeyi b'abanyeshuri baje ku ishuri bakwiye gusanga abanyeshuri b'abahungu n'abakobwa bafatany imirimo y'ishuri nko gusukura ikigo no gukorera ibyigwa byose hamwe kandi kimwe.

Ari abahungu ari abakobwa bafite ubumuga hari ubwo bashobora guhura n'ikibazo k'ivangura bitewe n'imyumvire idahwitse y'ababyeyi bamwe ndetse n'abarezi ugasanga ihohoterwa cyane cyane ku bakobwa kuko ari bo bakomeje gutsikamirwa mu muco nyarwanda. Abarezi rero bagomba kugira uruhare rukomeye mu gukumira iryo hohoterwa iryo ari ryo ryose mu mashuri no mu miryango.

Umwanya wo kwandikamo

Handwriting practice area with 20 horizontal dotted lines for writing.

UMUTWE WA 5: TUMENYE IBIBAZO ABANYESHURI BAGIRA MU MYIGIRE YABO

Intego y'iyi nyigisho: Gusobanura uburyo bwo kumenya no gufasha abanyeshuri bafite imbogamizi zitandukanye mu ishuri


Abanyeshuri bashobora kugira imbogamizi mu kwiga amasomo mashya bitewe n'impamvu zitandukanye. Aha ni byiza ko tudatinda mu guha abanyeshuri amazina ajyanye n'imbogamizi ndetse n'ibibazo bafite ahubwo tukibanda ku buryo bwabafasha mu myigire yabo kugira ngo na bo babashe kwiga no gutsinda neza mu ishuri kimwe nk'abandi.

5.1 Impamvu zo kumenya ubushobozi n'imbogamizi by'umunyeshuri

Kumenya ubushobozi n'imbogamizi by'abanyeshuri bifasha umwarimu gusobanukirwa uburyo bwiza bwo kubafasha mu myigire yabo. Umwarimu agomba kumenya abanyeshuri be kugira ngo asobanukirwe uburyo bwo kubafasha aho kubaha amazina ajyanye n'imbogamizi bafite. Niba abanyeshuri bafite imbogamizi mu myigire, umwarimu agomba gukoresha ubwo bumenyi mu gufasha abanyeshuri bafite imbogamizi zitandukanye. Umwarimu agomba kwita ku bushobozi bw'umunyeshuri n'aho agaragaza imbaraga nke kugira ngo amufashe mu byo yiga.

Sobanukirwa iby'umunyeshuri akeneye mu kwiga kwe kugira ngo umufashe aho kumuheza.

5.2 Ibyiciro bitandukanye byo gufasha abanyeshuri bafite imbogamizi mu myigire



Abafite imbogamizi mu myigire bashobora gufashwa hakoreshejwe uburyo bukurikira:

- Ihame rusange nk'uko rigaragazwa n'iyi shusho, igice kinini ni uko abanyeshuri bose bashobora gufashwa n'amabwiriza yumvikana umwarimu atanga (ikiciro cya mbere)
- Abanyeshuri bamwe biga neza iyo bafashirijwe mu matsinda mato (ikiciro cya kabiri)
- Abakomeza kugaragaza imbogamizi nyuma y'ikiciro cya kabiri, bigaragajwe n'ibyavuye mu isuzuma, bakenera ubufasha bwihariye bw'umuntu ku giti ke (ikiciro cya gatatu).
- Gahunda y'igerageza izibanda cyanecyane ku kiciro cya mbere n'icya kabiri.

5.3 Igerageza ry'ibyiciro byo gufasha abanyeshuri bafite imbogamizi mu myigire yabo mu Rwanda

Biragora gusobanukirwa n'imbogamizi ziri mu myigire. Mu kubigeraho, abarimu barasabwa ubushishozi muri uru rugendo ndasubirinyuma rw'iri gerageza. Dore uko bizakorwa:

Ibyiciro byo gufasha umunyeshuri

Ikiciro cya 1 – Abanyeshuri bose bitabwaho

- Amahame y'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri atangwa ku banyeshuri bose mu gihe cy'umwaka w'amashuri
- Abanyeshuri bakora babiribabiri cyangwa mu matsinda mato
- Abanyeshuri bose bazasuzumwa kumva no kubona
 - o Aho biri ngombwa, abarimu baganira n'ababyeyi b'abanyeshuri ku gikorwa cyo kujyana kwa muganga abanyeshuri bafite ibibazo byo kumva no kubona
 - o Aho bidashoboka, abarimu bakora ibishoboaka byose bagafasha abanyeshuri bafite ibibazo byo kumva no kubona nko kubicaza imbere n'ibindi (reba amahame ku mutwe wa 4)
- Abarimu bakoresha isuzuma kenshi gashoboka mu kureba uko abanyeshuri bahagaze

Ikiciro cya kabiri: Abanyeshuri bamwe na bamwe

- Mu matsinda mato, umwarimu afasha abanyeshuri bakeneye ubufasha bwihariye agendeye ku byavuye mu isuzuma
- Umwarimu asuzuma kenshi uko abanyeshuri bahagaze

Ikiciro cya 3: Umunyeshuri ku giti ke

Aho bishoboka, abarimu bashobora kugerageza izindi ngamba nko gutegura amasomo bagendeye ku mahame y'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri no gusuzuma uburwayi bwo k'umva no kubona ku banyeshuri

Umwanya wo kwandikamo

Handwriting practice area with 20 horizontal dotted lines.

UMUTWE WA 6: INGERO Z'AMASOMO KU N KINGI ESHANU ZO GUSOMA NO KWANDIKA

Intego y'inyigisho: Gusobanura uko wategura isomo ryimakaza imyigire Ibereye Buri Munyeshuri hifashishijwe ingero z'amasomo ku nkingi 5 zo gusoma no kwandika.

Muri uyu mutwe harimo amasomo yaturutse mu gitabo cy'umwarimu cyo mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza. Mu ibara ry'ubururu hagiye harimo ingero z'ubundi buryo umwarimu yakoresha kugira ngo himakazwe Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri. Dore uburyo bwagufasha gusobanukirwa n'ayo masomo:

- **Soma:** Ubu buryo bugaragara mu masomo ateguye ni bwo bwagaragajwe kuri buri nkingi. icyo usabwa ni ukurushaho gutekereza ubundi buryo wakwigishamo kugira ngo buri munyeshuri yibone mu isomo.
- **Tekereza:** Ntabwo byakorohera gukoresha ubwo buryo bwose mu isomo rimwe, mu gihe utegura isomo ryawe, hitamo uburyo bumwe mu bwo wahawe bwatuma ufasha abanyeshuri bose kandi ubikore uzirikana intego z'isomo.
- **Shyira mu bikorwa:** Niba utangiye kwigisha ushobora gutoranya uburyo runaka bw'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri ku nkingi ugezeho wakoresha. Akamaro bifite ni ukugerageza uburyo butandukanye ukareba ibyafasha abanyeshuri kurushaho. Buri cyumweru uge ugerageza uburyo butandukanye bitewe n'uko wifuza gufasha abanyeshuri bawe.
- **Ongera utekereze ku buryo wakoresheje:** Fata umwanya utekereze ku buryo bwakoze neza kurusha ubundi. Wibaze niba ubwo buryo bwatumye abanyeshuri bagira uruhare rufatika mu isomo. Tekereza kandi uko wazanoza uburyo wakoresheje kandi washimye mu isomo ry'ubutaha.

Icyumweru cya 9 Isomo rya 3: Gutahura no gusoma ingombajwi r/R	Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika, amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 30.	Intego: Gutahura no gusoma ingombajwi r/R
---	--	--

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

- Mbere yo gutangira isomo, icaza abanyeshuri aho baza kuba bakureba bose kandi bakumva neza kandi uhagarare mu mwanya mwiza utuma abanyeshuri bose bakumva banakureba neza.
- Genzura ko nta munyeshuri ufite imbogamizi zimubuza gukurikira isomo kandi ko bose bafite ibikoresho baza kwifashisha.

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri kuririmba itonde ry'inyuguti z'ikinyarwanda, baziririmbe bagenda bazikoraho mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 3.

Saba abanyeshuri gusoma inyajwi ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 29, ku mwitoto wa 5, Gendagenda mu ishuri, ugenzure uko abanyeshuri basoma. Saba abanyeshuri bamwe gusoma mu ijwi riranguruye abandi bakurikiye. Fasha abafite ibibazo byihariye.

ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Bwira abanyeshuri uko ibikorwa bikubiye mu isomo biza gukurikirana, ubivuge mu ijwi riranguruye.

Mu gihe utangiye isomo:

- Ibuka kuza guha abanyeshuri umwanya wo gutekereza mbere yo gusubiza ibibazo uribuze kubaza kugira ngo badasubiza bahubutse.

I. Itahuramajwi

Gutahura no kwitoza kuvuga ijwi rishya

Somera abanyeshuri igika cya gatatu k'inkuru **"Isuku y'ibiribwa iwacu."**

Baza abanyeshuri ibibazo biganisha ku magambo y'ifatizo arimo ijwi rishya **r**.

Urugero: Ni bande bavugwa mu nkuru? **Abavugwa mu nkuru ni Rorero na Kirabo.**

Ndatanga urugero: Subiramo amagambo **Rorero, Kirabo** utsindagira ijwi rishya **r**.

Ubundi buryo bushobora gukoreshwa

Umwarimu yerekana ishusho mu gitabo aho inkuru iri mu gitabo, akerekana akoresheje urutoki Rorero na Kirabo ku buryo bugaragarira buri wese.

Mu gihe umwarimu asubiramo aya magambo amaze gusoma, abikora mu ijwi riranguruye **-Rorero, Kirabo** ayagemura, areba abanyeshuri bose, na bo bitegereza iminwa ye.

Dukorane twese: Fatanya n'abanyeshuri gusubiramo amagambo batsindagira ijwi rishya **r**.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha

Umwarimu n'abanyeshuri bashobora gusubiramo amagambo **Rorero, Kirabo** bayagemura, buri munyeshuri areba mugenzi we kandi yitegereza iminwa ye.

Buri wese akore: Abanyeshuri baravugaga amagambo arimo ijwi **r** ku giti cyabo bigana urugero bahawe.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha

Umwarimu yerekena amashushu ahereye ku bikoresho biri mu ishuri (urugero; urukweto, urukuta, ikaramu,...) bagasubiza bakoresheje ibikumwe bireba hejuru cyangwa hasi.

Umwarimu ashobora gushyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri buri wese areba mugenzi we akamusubiriramo agemura amagambo y'ifatizo arimo ijwi **r** na we yitegereza iminwa ye.

Gutahura ijwi “r” bahereye ku mashusho n'izindi mfashanyigisho**Ubundi buryo umwarimu yakoresha**

Umwarimu ashobora kwereka abanyeshuri amashusho agaragara neza akabasaba kuyitegereza akayabasobanurira ayahuza n'ubuzima busanzwe kugira ngo bumve neza icyo ayo mashusho agaragaza.

Ndatanga urugero: Sobanura ko uvuga izina ry'ishusho, hanyuma ukajya uzamura ibikumwe ubirebesha hejuru mu gihe izina rifite ijwi **r** ukanamanura ibikumwe ubirebesha hasi mu gihe izina ridafite ijwi **r**. Vuga izina ry'ishusho ya mbere. **Urukero:** ibikumwe birareba hejuru.

Dukorane twese: Fatanya n'abanyeshuri kuvuga izina ry'ishusho rikurikiraho. **Ijipo:** ibikumwe birareba hasi.

Buri wese akore: Abanyeshuri baravugaga izina ry'ishusho ya nyuma, ku giti cyabo, bigana urugero bahawe. **Itara:** ibikumwe birareba hejuru.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha

Umwarimu ashobora no gusaba abanyeshuri babiribabiri bicaranye gutahura mu mashusho agaragara mu ishuri, ayumvikanamo ijwi ryigwa, umwe akabwira mugenzi we amazina y'ayo mashusho, akamubwira ishusho yumvikanamo ijwi rishya ryigwa, umwarimu akabafasha kunoza ibisubizo byabo.

Ikitonderwa: Koresha izindi mfashanyigisho zumvikanamo ijwi **r**, maze ukoreshe imyitozo yo gutahura ijwi ryigishwa nk'uko byakozwe mu gikorwa kibanza.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha

Umwarimu kandi ashobora gukoresha uburyo butandukanye bumufasha kumenya ko abanyeshuri batahuye ijwi rishya:

- gukoma amashyi cyangwa kutayakoma mu gihe bumvise ijamba ririmo ijwi rishya,
- gukubita ikirenge hasi mu gihe bumvise ijamba ririmo ijwi rishya,
- gutunga urutoki ku kintu cyumvikanamo ijwi rishya ryigwa
- kuvuga niba ijwi rishya riri ku ntangiriro, hagati cyangwa ku mpera y'ijamba...

Umwarimu ashobora nanone kwifashisha imfashanyigisho zifatika zumvikanamo ijwi rishya. Abanyeshuri bakaba bazikoraho, bakavugaga izo ari zo bityo bagatahura iryo ijwi.

Umwarimu ashobora gusaba abanyeshuri gukorera mu matsinda ya babiribabiri / mato bagatanga izindi ngero z'amagambo zumvikanamo ijwi rishya.

2. Ihuzamajwi**Kwerekana ikimenyetso k'ingombajwi “r” nto n'uko isomwa**

Ndatanga urugero: Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ingombajwi **r**, mu nyuguti nto unayisomere abanyeshuri.

Dukorane twese: Andika ku kibaho ingombajwi **r**, uyisomere hamwe n'abanyeshuri.

Buri wese akore: Ongerwa wandike ku kibaho ingombajwi **r** nto. Saba abanyeshuri gusoma ingombajwi **r** ku giti cyabo.

Genda ukora ku ngombajwi abanyeshuri bayisome. Abanyeshuri barerekana ingombajwi **r** mu bitabo byabo. Abanyeshuri barakorera mu matsinda ya babiribabiri basome ingombajwi **r** yanditse mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 30 igikorwa cya 2. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha

Umwarimu ashobora kubwira abanyeshuri kwitegereza imfashanyigisho zimanitse mu ishuri akabasaba gutunga urutoki aho babona hari ikimenyetso gihagarariye ijwi ryigwa **r**.

Kwerekana ikimenyetso k'ingombajwi “R” nkuru n'uko isomwa

Kora ibyakozwe mu kwerekana ikimenyetso k'ingombajwi **r** nto n'uko isomwa, bikorwe no ku ngombajwi nkuru.

3. Gusoma

Gusoma imigemo irimo ingombajwi “r”

Ndatanga urugero: Andika umugemo **ri** ku kibaho. Ereka abanyeshuri uko **r** na **i** bitanga umugemo **ri**. Garagaza n'uko imigemo **ru, ro, ra, re** iboneka.

Dukorane twese: Somera hamwe n'abanyeshuri umurungo wanditseho imigemo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 30 igikorwa cya 3, ugaragaze ko **r** na **i** bitanga **ri**. Bikore no ku migemo **ru, ro, ra, re**.

Buri wese akore: Abanyeshuri barafatanye babiribabiri basome imigemo yose. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma ufasha abafite ibibazo byihariye.

Gusoma amagambo arimo ingombajwi “r”

Ndatanga urugero: Saba abanyeshuri gukurikira. Andika ku kibaho ijambo **Rorero**, hanyuma urisomere abanyeshuri. Kora kuri buri mugemo, uwusome hanyuma unyereze urutoki muni y'ijambo ryose, urisomere icyarimwe.

Dukorane twese: Andika ku kibaho ijambo **roro**, hanyuma urisomere hamwe n'abanyeshuri. Nyereza urutoki muni y'ijambo ryose urisomere icyarimwe.

Buri wese akore: Andika ku kibaho ijambo **ururo**. Saba abanyeshuri gusoma ijambo ku giti cyabo. Abanyeshuri barerekana ijambo **ururo** mu bitabo byabo.

Abanyeshuri barafatanye mu matsinda matomato basome amagambo ari mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 30, igikorwa cya 4. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma unafasha abafite ibibazo byihariye.

Gusoma interuro irimo ingombajwi “r”

Uburyo bwakoreshejwe mu gusoma amagambo bukoreshwe hasomwa interuro: **Rora ararora Rorero**. Aho bishoboka ku guhuza ijwi **r** n'ikimenyetso kirihagarariye mu kuryandika no kurisoma umwarimu ashobora:

- kugaragaza ikimenyetso gihagarariye ijwi **/r/** mu rurimi rw'amarenga nyarwanda;
- kwerekana ikimenyetso gihagarariye ijwi **/r/** akoresheje inyandiko nini cyangwa y'ibara (**r** igaragara cyane) ku buryo igaragarira buri munyeshuri wese.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha

Umwarimu yifashishije urutonde rw'inyuguti zizwe cyangwa udukarita twanditseho inyuguti zitandukanye zizwe, ashobora gukoresha umukino wo gusaba abanyeshuri gutahura inyuguti bize (bakaba banayerekana mu bitabo byabo) cyangwa bagahuza udukarita twanditseho inyuguti zizwe bagakora imigemo / ijambo. Icyo gikorwa cyakorerwa mu matsinda kugira ngo abanyeshuri bose bakigiremo uruhare.

III. ISUZUMA (Iminota 10)

Saba abanyeshuri gusoma imigemo, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, ku rupapuro rwa 30, igikorwa cya 3, 4, 5. Bakosore ufasha abafite ibibazo byihariye, ndetse uhe abanyeshuri amahirwe yo gusubiza mu buryo bwose bifuje kandi bubanogeye.

Umukoro: Saba abanyeshuri kuza gusomera abo mu rugo ibyo bize biri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 30.

Icyumweru cya 9 Isomo rya 4: Gusoma agakuru karimo ingombajwi r/R	Imfashanyigisho: Amashusho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 30.	Intego: Gusoma no kumva agakuru
--	--	---

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

Bwira abanyeshuri uko ibikorwa bikubiye mu isomo biza gukurikirana, ubivuge mu ijwi riranguruye. Mu gihe utangiye isomo:

- Hagarara mu mwanya mwiza utuma abanyeshuri bose bakumva banakureba neza hanyuma uhe abanyeshuri umwanya wo gutekereza mbere yo gusubiza kugira ngo badasubiza bahubutse.
- Mbere yo gutangira isomo, icaza abanyeshuri aho baza kuba bakureba bose kandi bakumva neza.
- Genzura ko nta munyeshuri ufite imbogamizi ze zimubuza gukurikira isomo kandi ko bose bafite ibikoreshe baza kwifashisha.

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri kuririmba itonde ry'inyuguti z'ikinyarwanda, baziririmbe bagenda bazikoraho mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 3.

Mu gihe bavugaga itonde ry'inyuguti, abanyeshuri bashobora gukoma mu mashyi, gusimbukira rimwe igihe bageze ku nyuguti bize r.

Saba abanyeshuri gutanga ingero z'amagambo arimo ingombajwi r bakoresheje uburyo bwo kubanza gutekereza ku giti ke umwumwe, hanyuma agasangiza mugenzi we ijambo cyangwa interuro yabonye, hanyuma mwarimu agasaba ababishaka gusangiza ishuri ryose muri rusange amagambo arimo ingombajwi R.

Saba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo ingombajwi r mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 30 igikorwa cya 4,5.

II. ISOMO RISHYA (Iminota 25)

Gutahura icyo agakuru kaza kuvugaho

Soma umutwe w'agakuru “**Ururo rurerure**”.

Ereka abanyeshuri ishusho ijyanye n'agakuru, ubabaze ibyo babona hanyuma batahure icyo agakuru kaza kuvugaho.

Inyunguramagambo: Gusobanura amagambo afasha abanyeshuri kumva agakuru

Bwira abanyeshuri ko bagiye kumva agakuru “**Ururo rurerure**”, (ku rupapuro rwa 31, mu gitabo cy'umunyeshuri) ko bari bwumvemo amagambo: **ururo**, **rurarura**.

Ndatanga urugero: Vuga ijambo rya mbere **ururo**. Baza abanyeshuri igisobanuro k'ijambo **ururo**. Uhereye ku bisubizo by'abanyeshuri, noza igisobanuro k'ijambo **ururo**.

Ururo ni igihingwa kera utuntu duto tumeze nk'amasaka bakuramo ifu y'igikoma.

Koresha ijambo **ururo** mu nteruro. **Urugero:** Mu murima harimo **ururo** rurerure.

Dukorane twese: Vugira hamwe n'abanyeshuri ijambo **ururo**. Yobora abanyeshuri mukoreshe ijambo **ururo** mu nteruro iboneye.

Buri wese akore: Saba abanyeshuri gusoma ijamba **ururo** ku giti cyabo. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri bakore interuro irimo ijamba **ururo**. Saba abanyeshuri gusangiza bagenzi babo mu ishuri interuro babonye.

Koresha uburyo bwakoreshejwe mu gusobanura ijamba **ururo**, bukoreshwe no mu gusobanura ijamba **rurarura**.

Rurarura bisobanura rurasharira.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha

Umwarimu n'Abanyeshuri bashobora gusobanura ijamba rishya mu buryo bukurikira:

- Gutunga urutoki ku ruho ruri ku ishusho riri mu gitabo;
- Gusubiza ibibazo byo ku ruho : urugero: Ururo rufite irihe bara? Ni iki kirekire hagati y'ururo n'umwana? N'ibindi.
- Niba hafi aho bahingira ubuho , umwarimu yaruzana mu ishuri akarwerekaga abanyeshuri, ndetse akabareka bakanarukoraho n'itoki zabo.

3. Gusoma agakuru mu ijwi riranguruye

Saba abanyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, ku rupapuro rwa 31

Ndatanga urugero: Saba abanyeshuri gukurikira. Soma umutwe w'agakuru **“Ururo rururure”** inshuro imwe ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.

Dukorane twese: Fatanya n'abanyeshuri kongera gusoma umutwe w'agakuru.

Buri wese akore: Saba abanyeshuri gufatanya na bagenzi babo gusoma agakuru kose. Umwe narangiza gusoma arasimburana na mugenzi we. Somera abanyeshuri agakuru kose by'intangarugero kugira ngo bikosore aho batabashije gusoma neza. Saba abanyeshuri gusoma agakuru, basimburana na bagenzi babo inshuro nyinshi zishoboka, ugende ukosora abasoma nabi.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha

- Nyuma yo gusoma inshuro ya kabiri, umwarimu ashobora gusaba abanyeshuri kugenda basoma buri nteruro ukwayo izindi nteruro azihishe hakoreshejwe urupapuro rutanditseho ikintu na kimwe.
- Umwarimu ashobora gukora amatsinda ashingiye ku buryo abanyeshuri bashobora gufashanya hagati yabo igihe bisomera agakuru, ku buryo umunyeshuri umwe, babiri, batatu bashobora gusomera bagenzi babo bari kumwe mu itsinda basimburana. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi abasaba kugenda bakurikira bashyira urutoki rwabo muni y'ijamba, cyangwa interuro biri gusomwa.
- Umwarimu ashobora gukora amakarita yanditseho buri nteruro igize agakuru, hanyuma agasaba abanyeshuri gutondeka ayo makarita bashingiye ku rukurikirane rw'ibitekerezo bigize agakuru hanyuma bakagasoma.

4. Kumva agakuru

Mbere yo kubaza ibibazo byo kumva inkuru, genzura niba ibyo abanyeshuri batahuye ari byo bumvise mu nkuru.

Ndatanga urugero: Saba abanyeshuri gukurikira no gutege amatwi uko ubaza ikibazo cya mbere.

Baza ikibazo cya mbere. Rorero ararora ururo? Akira ibisubizo by'abanyeshuri, ubabaze uko babibonye.

Bwira abanyeshuri batege amatwi uko usubiza ikibazo cya mbere unabasobanurire uko wakibonye.

Soma igisubizo kivuye mu nkuru. **Yego. Rorero ararora ururo.**

Dukorane twese: Ongerera usome ikibazo. Rorero ararora ururo? Somera hamwe n'abanyeshuri agakuru kugeza ubonye igisubizo. Fatanya n'abanyeshuri kuvuga igisubizo: **Yego. Rorero ararora ururo.**

Buri wese akore: Baza ikibazo cya kabiri. Uru ruo rurarura? Saba abanyeshuri gusubiza ikibazo ubwabo, hanyuma basome agakuru bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Gendagenda mu ishuri utega amatwi uko abanyeshuri basoma bashaka igisubizo. Saba abanyeshuri kuvuga igisubizo babonye.

Subiramo igisubizo: **Yego. Uru ruo rurarura.**

Ubundi buryo umwarimu yakoresha

- Umwarimu ashobora gukoresha amashusho abaza ibibazo ndetse akaba yayifashisha ayobora abanyeshuri kugera ku bisubizo. Rorero arimo arareba iki? Abanyeshuri bashobora gusubiza batunga urutoki ku ruo, cyangwa bakongorerana cyangwa bakabwirana buhoro igisubizo na bagenzi babo.
- Ikindi kibazo: iyo uriye ku ruo wumva rumeze rute? Umwarimu ashobora gusaba abanyeshuri gusubiza berekana bakoresheje mu maso habo ko uruo rurura.
- Umwarimu ashobora guha abanyeshuri umwanya wo gutekereza ku kibazo ku giti cyabo, bakakiganiraho babiribabiri hanyuma bagasangiza ishuri ryose igisubizo.
- Umwarimu ashobora kandi kwandika ikibazo ku kibaho urugero Rora ararora ururo? Saba buri munyeshuri gusubiza mu buryo bumworoheye (gusubiza akoresheje ibimenyetso, amashusho, mu mvugo yoroshye, kwandika, azunguza umutwe yemeza,...). Iyo abanyeshuri bibagoye gusubiza umwarimu ashobora kwitangira igisubizo agasaba abanyeshuri kugisubiramo.

II. ISUZUMA (Iminota 10)

Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri basome amagambo ari mu gakuru bamaze kwiga.

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo.

Baza ibibazo byo kumva agakuru **“Ururo rururure”**.

Ni Rorero urora ururo? **Oya. Ni Rorero urora ururo.**

Ni nde urora ururo? **Urora ururo ni Rorero.**

Ururo ni rururure? **Yego. Ururo ni rururure.**

Akira ibisubizo by'abanyeshuri mu buryo babitangamo bwose, ubakosore ufasha abafite ibibazo byihariye.

Umukoro: Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana agakuru bize hanyuma bazabwire abandi banyeshuri icyo baganiriye kuri ako gakuru.

Icyumweru 9 Isomo rya 5: Kwandika ingombajwi r/R	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 3 l.	Intego: Kwandika imigemo, amagambo n'interuro birimo ingombajwi r/R
--	--	---

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

- Genzura ko nta munyeshuri ufite imbogamizi zimubuza gukurikira isomo kandi ko bose bafite ibikoresho baza kwifashisha.
- Icaza abanyeshuri ahantu habereye buri wese, begereye ameza bandikiraho, buri wese yicaye mu buryo buboneye (atihengetse, ikayi cyangwa urupapuro yandikaho ruri imbere ye neza) ku buryo yandika yisanzuye

I. ISUBIRAMO (Iminota 5)

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, bakosore, fasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri kwerekana ahanditse ingombajwi **r/R** mu magambo ari mu gitabo ku rupapuro rwa 30, igikorwa cya 4.

Bwira abanyeshuri uko ibikorwa bikubiye mu isomo biza gukurikirana, ubivuge mu ijwi riranguruye, ku buryo buri wese akureba ku munwa.

Mu gihe utangiye isomo:

- Hagarara mu mwanya mwiza utuma abanyeshuri bose bakumva banakureba neza ku munwa.
- Ibuka kuza guha abanyeshuri umwanya wo gutekereza mbere yo gusubiza kugira ngo badasubiza bahubutse.

II. ISOMO RISHYA (25)

I. Kwimenyereza kwandika ingombajwi “r” nto

Ndatanga urugero: Ereka uko bandika ingombajwi **r** nto.



Sobanura ibyerekezo n'imirongo y'ifatizo bikoresheye mu kwandika ingombajwi **r** nto hakurikijwe urugero rwatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri.

Ifashisha imirongo ifasha umunyeshuri kumenya aho ingombajwi **r** igarukira mu mirongo.

Cisha urutoki mu ngombajwi **r** nto yanditse ku kibaho. Koresha inyandiko y'amarenga ku waba afite ubumuga bwo kutumva neza ukabikora ubihuza n'ikimenyetso cyanditse ku kibaho.

Dukorane twese: Yobora abanyeshuri gucisha urutoki mu ngombajwi **r** nto inshuro nyinshi aho yanditse ku kibaho.

Saba abanyeshuri kwigana umwarimu kwandika ingombajwi **r** nto bakoresheje urutoki ku ntebe zabo cyangwa mu kirere.

Hagarara imbere yabo ubateye umugongo kugirango mube muri mu kerekezo kimwe, basabe kwitegereza mu gihe wandika ya nyuguti mu kirere, bisubiremo inshuro nyinshi uvuga cyane uko uriho ubikora.

Ibyo mwakoze mwandika mu kirere mubisubiremo mwandika ku ntebe ugende ureba uko buri wese abikora ufasha uwo ubona afite ikibazo.

Yandike ku kibaho hanyuma usabe abanyeshuri bayandike mu makayi yabo.

Yobora abanyeshuri mu kwandika ingombajwi **r** bita ku kuyandika mu mirongo yifashishwa.

Buri wese akore: Saba abanyeshuri kwandika ingombajwi **r** nto mu makayi yabo inshuro nyinshi.

Gendagenda mu ishuri ureba niba abanyeshuri bandika neza. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Ushobora kuba adashobora gufata ikaramu ngo ayikomeze wayizingiraho igitambaro, cyangwa ikindi cyatuma ikaramu igira umubyimba munini kuburyo ifatika kuri we.

2. Kwimenyereza kwandika ingombajwi “R” nkuru



Kora nk'ibyakozwe mu kwandika ingombajwi **r** nto, utoze abanyeshuri kwandika ingombajwi **R** nkuru.

3. Kwandika imigemo irimo ingombajwi r/R

Ndatanga urugero: Andika ku kibaho umugemo **ri**, uwusomere abanyeshuri.

Erekana buri nyuguti igize umugemo uko yandikwa.

Dukorane twese: Andika umugemo **ru** ku kibaho hanyuma ufatanye n'abanyeshuri kuwandika.

Umwarimu yakwifashisha udukarita aha abanyeshuri mu matsinda mato mu kubaka imigemo, kuyivugira hamwe, no kuyandika mu makayi yabo.

Umwarimu yanakoresha amarenga mu kwerekana imigemo n'amagambo yanditse aho bishoboka.

Buri wese akore: Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo imigemo yose isigaye

Gendagenda mu ishuri, ureba uko abanyeshuri bandika ufashe abafite ibibazo byihariye.

4. Kwandika amagambo arimo ingombajwi r/R: Kuzurisha inyuguti

Ndatanga urugero: Andika ku kibaho ijamba riburamo inyuguti **ara__ira (e, i, r)**. Uzurisha inyuguti **r**, bityo ijamba ni **ararira**. Korana n'abanyeshuri ijamba rikurikiraho.

Dukorane twese: Andika ku kibaho ijamba riburamo inyuguti **__ orero (a, R, u)**. Fatanya n'abanyeshuri kuzurishamo inyuguti **R**. Ijamba ni **Rorero**.

Umwarimu yakoresha udukarita twanditseho amagambo, bari mu matsinda mato, hitabwa no ku waba afite ikibazo runaka.

Buri wese akore: Andika ku kibaho ijamba riburamo inyuguti **a__urira (e, o, r)**. Abanyeshuri barakora ijamba rya nyuma bo ubwabo. Saba abanyeshuri guhitamo inyuguti buzurishamo, bandike ijamba babonye mu makayi yabo.

5. Kwandika interuro irimo ingombajwi r/R

Ndatanga urugero: Andika ku kibaho interuro: **Rorero ararora ururo** uyisomere abanyeshuri ubereka buri jambo riyigize.

Dukorane twese: Andika ku kibaho interuro: **Rorero ararora ururo** ufatanye n'abanyeshuri kuyandika mugenda mwandika ijamba ku ijamba.

Umwarimu yakoresha udukarita twanditseho amagambo, bagakorera mu matsinda mato, hitabwa no ku waba afite ikibazo runaka.

Buri wese akore: Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo interuro **Uru ruo rurarura** iri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 31, igikorwa cya 10

Gendagenda mu ishuri, ureba uko abanyeshuri bandika ufashe abafite ibibazo byihariye.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha

- Umwarimu ashobora guha abanyeshuri ubufasha bwihariye cyangwa akabashyira mu matsinda akabashishikariza gufashanya. (Gufata akaboko k'umunyeshuri ukamwandikisha cyangwa ukongera umubyimba w'ikaramu (nko kuyizengurutsaho udupapuro) kugira ngo yoroherewe uyikoresha)

- Umwarimu afasha abanyeshuri kwandika mu buryo bwose bushoboka (urugero: Kwandikisha izindi ngingo nk'amaguru, amano....)
- Umwarimu ashobora kwandika buri nyuguti igize ijambo mu nyuguti zigaragara cyane ari nako ayivuga, agasaba abanyeshuri kuyandika na bo bityo bityo kugeza ijambo ryose rirangiye hanyuma agafatanya n'abanyeshuri gusoma ijambo ryose.
- Umwarimu n'abanyeshuri bashobora kwandika ijambo/interuro mu nyuguti nini zigaragara.
- Umwarimu n'abanyeshuri bashobora kwandika inyuguti cyangwa ijambo bakoresheje imifuniko y'amacupa, utubuye duto, ibishyimbo n'ibindi.

III. ISUZUMA

Tegurira abanyeshuri umwitozo umeze nk'uwa 9 uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 31.

Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo interuro: **Uru ruro rurarura.**

Kosora abanyeshuri, fasha abafite ibibazo byihariye.

Umukoro: Saba abanyeshuri kwandika mu makayi yabo amagambo atatu arimo ingombajwi **r/R** n'interuro igizwe n'amagambo arimo ingombajwi **r/R** bazazisomere bagenzi babo mu ishuri.

Icyumweru cya 9 Isomo rya 7: Imyitozo yo gusoma no kwandika ingombajwi r/R	Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 32-35. Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri	Intego: Gusoma no kwandika ingombajwi r/R Iminota 40
--	---	---

Mbere yo gutangira isomo ry'imyitozo icaza abanyeshuri ahantu habereye buri wese ku buryo bakora imyitozo bisanzuye.

Genzura ko nta munyeshuri ufite imbogamizi zimubaza imyitozo kandi ko bose bafite ibikoresho baza kwifashisha.

I. ISUBIRAMO

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. IMYITOZO

Kuri buri mwitozo, yobora abanyeshuri, sobanura neza uko umwitozo ukorwa, fasha abafite ibibazo byihariye.

Kuri buri mwitozo, tegurira abanyeshuri indi myitozo wihitiyemo ijyanye n'ubushobozi bwihariye bwa buri munyeshuri.

I. Umwitozo w'itahuramajwi

Ha abanyeshuri umwitozo wo gutahura amashusho arimo ijwi **r** bahereye ku mashusho ari ku rupapuro rwa 32, umwitozo wa I.

Ifashisha izindi mfashanyigisho, ukoreshe uyu mwitozo wo gutahura ijwi **r** mu mashusho.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha kuri uyu mwitozo

Kugira ngo abanyeshuri bese bagire uruhare mu myitozo umwarimu ashobora:

- Kwifashisha imfashanyigisho zifatika zumvikanamo ijwi rishya. Abanyeshuri batabashije gutahura bifashishije amashusho bakaba bazikoraho, bakavuga cyangwa bakandika izo ari zo bityo bagatahura Izirimo ijwi **r**.
- Kwegera umunyeshuri akavuga aranguruye cyangwa se agemura amazina y'amashusho, umunyeshuri yitegereza iminwa ye, akamusaba kuvuga ayumvikanamo ijwi **r**.
- Kwakira ibisubizo mu buryo bunyuranye. Urugero: Umunyeshuri ashobora gusubiza atunga urutoki ku ishusho yumvikanamo ijwi **r**, kuvuga mu buryo bw'amarenga,...
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, umunyeshuri umwe akabwira mugenzi we izina ry'ishusho na we akazamura ibikumwe abirebesha hasi cyangwa hejuru bitewe n'uko mu izina ry'ishusho harimo ijwi **r** cyangwa ntaririmo.
- Guhisha amashusho abiri akerekana atatu asigaye, hanyuma akabaza cya kibazo na none
- Gufata imfashanyigisho zifatika imwe mu kaboko kamwe n'indi mu kandi, agasaba abanyeshuri gutunga urutoki ku kaboko gafashe imfashanyigisho irimo ijwi / **r** /

2. Umwitozo w'ihuzamajwi

Koresha umwitozo wo guhuza ingombajwi **r/R** n'ishusho irimo ijwi "r" uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 32, umwitozo wa 2.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha kuri uyu mwitozo

Kugira ngo abanyeshuri bose bagire uruhare mu myitozo umwarimu ashobora:

- Kwereka umunyeshuri amakarita atatu cyangwa udufuniko tw'amacupa turiho inyuguti eshatu zinyuranye, imwe muri zo ari inyuguti yigwa. Ukavuga uranguruye inyuguti yigwa iyo ari yo, ugasaba umunyeshuri gutunga urutoki ku yo uvuze muri izo eshatu. Saba umunyeshuri kuyisubiramo mu ijwi riranguruye.
- Gusaba umunyeshuri kuvuga mu marenga inyuguti yizwe.
- Kwakira ibisubizo mu buryo bunyuranye. Umunyeshuri ashobora gusubiza akoresheje urutoki, kuvuga igisubizo, kwandika, guca amarenga, gukora ibimenyetso n'ibindi.

3. Umwitozo wo gusoma

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusoma imigemo, amagambo, interuro n'agakuru biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 32 -33, umwitozo wa 3, 4, 5 n'uwa 6.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha kuri uyu mwitozo

Kugira ngo abanyeshuri bose bagire uruhare mu myitozo umwarimu ashobora:

- Mu gusoma imigemo, umwarimu ashobora kwereka abanyeshuri agakarita kariho inyuguti bize, akazana n'utundi dukarita turiho inyajwi, akagenda ahuza agakarita kariho inyuguti n'akariho inyajwi, akabaza akabwira abanyeshuri kuvuga uwo mugemo uwo ari wo.
- Saba abanyeshuri guhuza ingombajwi /r/ n'inyajwi zitandukanye bakore imigemo banayisome
- Ongera ukoreshe iyo myitozo ku banyeshuri batandukanye ugenda uhindura inyajwi kuri buri munyeshuri
- Gusaba abanyeshuri gutunga urutoki ku ijambo/interuro yasomye mu ijwi riranguruye mu gitabo cy'umunyeshuri
- Ku nteruro, andika buri jambo rigize interuro ku gakarita, nyuma usabe abanyeshuri gutondeka amagambo bagakora interuro iboneye
- Kwifashisha inyandiko y'abafite ubumuga bwo kutabona, ururimi rw'amarenga

4. Umwitozo wo kwandika

Koresha abanyeshuri imyitozo yo kwandika imigemo, amagambo n'interuro birimo ingombajwi r/ R, iri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 34-35, umwitozo wa 9, 10, 11, 12 n'uwa 13.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha kuri uyu mwitozo

Kugira ngo abanyeshuri bose bagire uruhare mu myitozo umwarimu ashobora:

- Kwemerera umunyeshuri kwandika mu kirere, ku ntebe, gutondeka ibishyimbo cyangwa utubuye agakora inyuguti cyangwa ijambo
- Gufata ukuboko k'umunyeshuri akamuyobora amufasha kwandika.
- Kureka umunyeshuri akandika ku kibaho igisubizo ke mu gihe umunyeshuri ari byo ashobora.
- Gukoresha amakarita ariho imigemo agasaba umunyeshuri kuyitondeka agakora ijambo, cyangwa ikarita iriho amagambo agasaba umunyeshuri kuyatondeka agakora interuro.

Umukoro: Saba abanyeshuri kuza gusomera abo babana mu rugo agakuru bize kari ku rupapuro rwa 33, bazanagasomere bagenzi babo mu ishuri.

Abanyeshuri bafite imbogamizi mu gusoma bashobora gukina umukino wo kubara inyuguti nkuru n'intoya, bakavuga inshuro bazibonye mu gakuru.

Icyumweru cya 9 Isomo rya 8: Isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika ingombajwi r/R	Ibitabo: Igitabo cy'inkuru zisomerwa abanyeshuri, Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 32-35. Udukarita duteguye icyandikwa	Intego: Kumva umwandiko, gusoma no kwandika ingombajwi r/R Iminota 40
---	--	--

Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri

Mbere yo gutangira isomo ry'imyitoto icaza abanyeshuri ahantu habereye buri wese ku buryo bakora imyitoto bisanzuye.

Genzura ko nta munyeshuri ufite imbogamizi zimubaza gukora imyitoto kandi ko bese bafite ibikoresho baza kwifashisha.

I. ISUBIRAMO

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.

II. ISUZUMA

I. Gusubiza ibibazo ku nkuru “Isuku y'ibiribwa iwacu”

Mbere yo gusomera abanyeshuri inkuru, umwarimu ahamagara bamwe mu banyeshuri (ababishaka) bakaza imbere, hanyuma akagenda yongorera umwumwe umunyarubuga aza kwigana mu nkuru (Kirabo, Rorero na mama). Noneho akabasaba gukina bitwara nk'uko abo banyarubuga bagaragaye mu nkuru. Abanyeshuri bandi bakaza kuvuga abanyarubuga biganaga.

Somera abanyeshuri inkuru “Isuku y'ibiribwa iwacu” inshuro imwe, ubabaze ibibazo.

a) Ni bande bavugwa mu nkuru? **Abavugwa mu nkuru ni Kirabo, Rorero na mama wabo.**

Mu gusubiza iki kibazo, abanyeshuri bashobora gusubiza bavuga, bakora ku ishusho y'umunyarubuga cyangwa bakavugaga amazina y'abanyarubuga bagenzi babo bakinaga bigana.

b) Ninde babujije kurya ikinyomoro kitogeje? **Ni Rorero babujije kurya ikinyomoro kitogeje.**

Mu kuvuga abanyarubuga ba banyeshuri biganaga, saba abanyeshuri kwerekana wa munyarubuga wariye ikinyomoro kitogeje. (Abanyeshuri barasubiza bamuvugaga izina cyangwa bamwerekane bakoresheje urutoki).

c) Ni iki ukora ngo ugirire ibiribwa isuku? **Kugira ngo ugirire ibiribwa isuku urabiranga bigashiraho umwanda, ukabikatira ku bikoresho bisukuye, ukabishyira mu bikoresho byogeje, ukabipfundikira.**

Umwarimu arasaba abanyeshuri guhaguruka, bakerekana intambwe zikurikizwa bategura amafunguro mbere yo kuyateka. (Umwarimu arababwira ubwoko bw'ifunguro bagiye guteka)

Ubundi buryo umwarimu yakoresha kuri uyu mwitoto

Kugira ngo abanyeshuri bese bagire uruhare mu myitoto umwarimu ashobora:

- Gukoresha amashusho abaza ibibazo ndetse akaba yayifashisha ayobora abanyeshuri kugera ku bisubizo.
- Kubaza ibibazo hakoreshejwe ibimenyetso (umwarimu ubwe ashobora kubikoresha cyangwa abandi banyeshuri bashobora kuba bazi ururimi bagenzi babo bumva cyangwa ibimenyetso bakoresha hagati yabo bakaba babasubiriramo ikibazo umwarimu yabajije).
- Gusaba umunyeshuri gusubiza mu buryo bumworoheye yifashishije ibikoresho bifatika biboneka mu ishuri, amashusho, mu mvugo yoroshye, kwandika, gutunga urutoki ku gisubizo aho kiri mu gakuru...).
- Gutegura amakarita yanditseho ibisubizo by'ikibazo cyabajijwe akoresheje amashusho cyangwa amagambo agizwe n'inyuguti zizwe, hanyumba bagahitamo ikarita iriho igisubizo kiri cyo.

2. Gusoma:

Shyira abanyeshuri mu matsinda matomato basomere hamwe agakuru **“Rerero ararura”** kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 34.

Yobora abanyeshuri basubize ibibazo ku gakuru.

Gendagenda mu ishuri ureba ko basoma, ufasha abafite ibibazo byihariye.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha kuri uyu mwitoto

Kugira ngo abanyeshuri bese bagire uruhare mu myitoto umwarimu ashobora gufasha abanyeshuri akoresheje uburyo bukurikira:

- Abanyeshuri bashobora gusoma interuro cyangwa amagambo bigize agakuru, umwe asoma interuro ya mbere cyangwa ijambo, undi agasoma interuro cyangwa ijambo bikurikiyeho basimburana mu itsinda.
- Guha umunyeshuri umwanya uhagije wo gusoma akurikije umuvuduko agenderaho bitewe n'igihe afite.
- Gukora amakarita yanditseho buri nteruro igize agakuru **“Rerero ararura”**, hanyuma agasaba umunyeshuri gutondeka ayo makarita bashingiye ku rukurikirane rw'ibitekerezo bigize agakuru hanyuma bakagasoma.
- Kureka umunyeshuri akavuga agakuru mu buryo bw'amashusho (umunyeshuri akaba yashushanya agakuru yumvise)
- Abanyeshuri bafite imbogamizi mu gusoma, umwarimu ashobora kubaha umwitoto wo kuvuga inshuro babonye amagambo **“Rerero na Rora”** yakoreshejwe mu gakuru

3. Kwandika

Ha abanyeshuri icyandikwa cy'amagambo n'interuro bikurikira, babyandike mu makayi yabo.

Urugero: Rerero ararura

Rora araririra Rerero.

Kosora abanyeshuri, genzura ko hari abafite ibibazo byihariye, ubafashe.

Ubundi buryo umwarimu yakoresha kuri uyu mwitoto

Kugira ngo abanyeshuri bese bagire uruhare mu myitoto umwarimu ashobora:

- Gutegura mbere amakarita yanditseho ku buryo bugaragara amagambo (**“Rerero,” “ararura”**) (**“Rora” “araririra” “Rerero”**)
- Guhamagara abanyeshuri batanu bakaza imbere, buri wese agafata ikarita yanditseho ijambo rimwe muri ayo.
- Gusaba abanyeshuri kuyitegereza, hanyuma akayasoma agenda agemura abanyeshuri bitegereza iminwa ye kandi bakurikiye.
- Gufata ayo makarita, agasaba ba banyeshuri kwiycarira. Ibyo birangiye umwarimu aha abanyeshuri icyandikwa mu buryo bukurikira:
- Avuga interuro ya mbere **“Rerero ararura”** inshuro eshatu abanyeshuri bakayandika.
- Agakurikizaho interuro ya kabiri **“Rora araririra Rerero”** inshuro eshatu nayo abanyeshuri bakayandika.
- Kureka buri munyeshuri akandika mu buryo bumworoheye nko kwandikisha amano, kwifashisha ibishyimbo, imifuniko y'amacupa n'ibindi.
- Abanyeshuri bagize imbogamizi zo kwandika, umwarimu abashishikariza kwandika amagambo abiri cyangwa bagakorera mu itsinda hanyuma akabaha ubufasha
- Kuyobora ukuboko k'umunyeshuri akamufasha kwandika.

Umukoro: Ereka abanyeshuri akandi gakuru bazasoma karimo ingombajwi **r/R** bazasanga mu gatabo k'udukuru abanyeshuri bisomera. Bibutse ko bazabwira bagenzi babo ibyo basomyemo.

Imigereka

Umugereka wa I

Ingengabihe zigaragara

Ingengabihe igaragara ni uburyo abarimu bakoresha kugira ngo bamenyeshe abanyeshuri amasomo bari bwige uwo muni cyangwa ibikorwa biteganyijwe mu isomo runaka. Ibice by'ingenzi by'ingengabihe zigaragara ni ibi bikurikira:

- Ibikorwa biteganyijwe mu isomo cyangwa amasomo ari bwigwe uwo muni
- Uburyo biri bukurikirane

Ingengabihe zigaragara zifasha abanyeshuri bafite ibibazo mu myigire n'abatabifite kumenya ikigwa cy'uwo muni. Abanyeshuri badafite ibibazo byo kubona bishimira kubona gahunda y'ibyo baza gukora. By'umwihariko, abanyeshuri bafite ibibazo mu myigire yabo barushaho kwishimira no kumva gahunda y'ibiri bukorwe ku muni. Mu by'ukuri nk'uko izina ribivuga, ingengabihe igaragara igomba kuba igaragarira buri munyeshuri. Ingengabihe igaragara ishobora kuba iri ku makarita, ku mashusho cyangwa yanditse ku kibaho. Ibikorwa bigomba kugaragazwa mu magambo, mu mashusho, mu mabara cyangwa ubundi buryo bwafasha umunyeshuri kwiga neza.

Igihe kiza cyo kugaragariza abanyeshuri ingengabihe y'umuni ni mu ihuriro rya mu gitondo rikorwa mbere y'amasomo. Ihuriro rya mu gitondo ni ikiganiro umwarimu ayobora mu gitondo avuga kuri gahunda y'umuni. Ingengabihe igaragara ishobora kwerekana ibikorwa biteganyijwe mu isomo cyangwa gahunda y'umuni wose. Reba ingero zikurikira:

Urugero I: Gahunda y'umuni wose yanditse ku kibaho


Uyu muni ni kuwa kabiri	
Imibare	
Gosoma	
Ubumenyi	
Imyitozo ngororamubiri	

Ikitonderwa: Uko umuni ugenda ukura, ugenda uca akarongo mu isomo ryarangiye. Urugero nko mu gihe isomo ry'imibare rirangiye, ricishemo akarongo aho ryanditse ku ngengabihe iri ku kibaho.

Umugereka wa II

Urugero 2: Ikarita igaragaza ibikorwa biteganyijwe mu isomo

Ushobora gukoresha ikarita nini (urugero: ikoze mu ikarito) igaragaza ibikorwa biteganyijwe mu isomo runaka. Ku ikarita ushobora kwandikaho: Kuririmba akaririmbo, gusoma, kwandika n'ibindi. Kuri iyo karita nini, omekaho udukarita duto (natwo tukoze mu ikarito kandi tubasha kwinjizwa mu twenge twa ya karita nini) twanditseho gahunda y'ibikorwa uko biri bukurikirane. Wifashishije iyo karita nini, ushobora kugendagenda mu ishuri wereka abanyeshuri gahunda y'ibikorwa biteganyijwe. Mu gihe igikorwa cya mbere kirangiye, omoraho agakarita kacyo ndetse wereke abanyeshuri igikurikiyeho. Ibi bikorwa kuva amasomo atangiye kugeza arangiye.



Umugereka wa III

Imbata y'isomo ry'Imyigire Ibereye Buri Munyeshuri

Izina ry'ikigo k'ishuri:	Izina ry'umwarimu:	Umubare w'abanyeshuri:
Nzibanda ku bintu bikurikira mu muteguro w'isomo r'Ibereye Buri Munyeshuri:	Intego: Nyuma y'isomo abanyeshuri bose baraba bashobora gukora ibikorwa bikurikira: - - -	
Imfashanyigisho zikenewe mu isomo:		
Abanyeshuri bamwe bakeneye ubufasha bwihariye bukurikira:		
Mu kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda, nzakoresha ingamba zitandukanye zikurikira mu gushishikariza abanyeshuri gukunda no kugira uruhare mu isomo rigiye kwiga:		
Mu kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda, nzakoresha ingamba zitandukanye zikurikira mu gutanga isomo:		
Mu kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda, nzakoresha ingamba zitandukanye zikurikira zo gufasha abanyeshuri kugaragaza ko bumvise isomo bakora; buvuga; cyangwa bakoresha ubundi buryo buboreheye:		
Nzakoresha ingamba zikurikira mu gusuzuma imyigishirize yange n'imyigire y'abanyeshuri:		
Nzafatanya n'abantu bakurikira ku ishuri nkoreramo cyangwa mu muryango mugari:		

Umugereka wa IV

Imyigishirize Ibereye Buri Munyeshuri: Kubakira ku bushobozi bw'umunyeshuri

Amazina: Ikigo k'ishuri:

	Uko nsanzwe mbikora ...	Uko nzagerageza aya mahame mashya ...
Gushishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu masomo (Uburyo butandukanye bwo kubashishikaza)		
Uburyo butandukanye bwo gutanga ikigwa (Uburyo butandukanye bwo kwigisha)		
Gukangurira abanyeshuri kugaragaza ibyo biga (Uburyo butandukanye bwo gukora no kugaragaza ibyo biga)		

